N°

# IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

*Nyakanga 1992*

KA02 1697




**Umugambi wa NSENGIYAREMYE wo gutuza burundu i Nasho abavanywe mu byabo n'intambara kugira ngo inyenzi zizatuzwe mu byabo.**

**Burundi: Petero BUYOYA azashyikirizwa ubucamanza maze asobanure uko yishe abahutu. Akahise gategurira akazoza.**

**Amashyaka: BUCYANA Martin wa CDR na NSENGIYAREMYE Dismas wa MDR barifuza ko abahutu bagira ishyaka rimwe mbere y'uko inyenzi zitahuka.**

**– RWENDEYE na RWIGEMA mu rukiko rwa nyuma: hazatsinda nde ?**


BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR, GISENYI-INFO
REDACTEUR ET DISTRIBUTEUR , GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

*Abonnement annuel : Rwanda : 5.000 FRW*
*Afrique : 12.000 FRW*
*Europe – Amérique – Asie : 25.000 FRW*
*Sur cpte BCR – 14273/14 KIGALI*

Tél. 40625 – GISENYI
73586 – KIGALI

*Le contenu des articles engage l'Auteur et l'Editeur*

Tiré sur les presses de l'Imprimerie Nationale du Rwanda

KA02 1698

# INKOTANYI NTIZIZAHEMUKIRA IKINYOMA



INKOTANYI NTIZIZAHEMUKIRA IKINYOMA.

Abanyarwanda bumvise amasezerano ahagarika intambara yashyiriweho umukono Arusha ku ya 12 Nyakanga 1992 hagati ya Guverinoma y'u Rwanda n'Inkotanyi FPR.

Mu mishyikirano yakozwe, byagaragaye ko abari bahagarariye u Rwanda bagaragaje ubugwari budasubirwaho, kuva imishyikirano itangiye kugera irangiye. Ibyo NGURINZIRA Boniface, Ministiri w'Ububanyi n'Amahanga yasinyiye ni urukozasoni.

Mu by'ukuri, abahutu barumiwe babonye ibyifuzo bya FPR byemewe uko byakabaye ariko yo ikanga ibyo guverinoma y'u Rwanda yasabye byose. Abari bahagarariye u Rwanda bashobora kwisobanura bavuga ko babitewe no kugira ngo barebe niba byibura FPR yahagarika intambara. Nyamara biyibagije ko atari bwo bwa mbere FPR isinyira guhagarika imirwano. Mbese ko ku itariki ya 29 Werurwe 1991 Inkotanyi zari zemereye i N'sele ho muri Zayire ko zigiye guhagarika imirwano zarayihagaritse koko? BIZIMUNGU Casimir wari washyikiranye nazo icyo gihe yatashye yivugira ko ari ingegera n'imihirimbiri maze ibyitso bimutera utwatsi! NGURINZIRA Boniface rero nawe nashake izina aharira Inkotanyi kuko nawe zamutabye mu nama. Narekeraho kubeshya ngo guverinoma zamubanjirije zaranzwe no kudindiza imishyikirano. Ubugome bwazo arabuzi ariko akarenga akazisingiza. NGURINZIRA akubutse Arusha, umuryango we wahise umubikira abana babiri ba mukuru we bishwe n'inyenzi.

Amasezerano y'i Arusha yerekanye ubuswa bwa guverinoma y'u Rwanda yayiteguye n'ubwoba bw'abayihagarariye. Dushyize mu gaciro, gushyikirana n'Inkotanyi ugasiga igihugu cya Uganda kizifasha muri byose ntaho bitaniye no gukora ubusa nka wa mwana... Guverinoma yose ntabwo yemera ko indiri y'Inkotanyi ibarizwa muri Uganda? Mu gihe cyose u Rwanda kimwe n'ibindi bihugu bifite umutima wo guhagarika iyi ntambara bitarumvisha MUSEVENI ko agomba gucisha make, akareka gusumbakaza ubwoko bw'abatutsi abuha ubushobozi nyamaswa bwo kwica urubozo andi moko, iyi ntambara iracyakomeza. Ntizahagarara rwose MUSEVENI atabanje kubyumva.

Ku itariki ya 12 Nyakanga 1992, guverinoma y'u Rwanda na FPR Inkotanyi bemeranijwe guhagarika imirwano tariki ya 19 Nyakanga by'agateganyo. Niba MDR, PL, na PSD ari amashyaka aharanira koko inyungu z'uru Rwanda, yasanze intambara yarahagaze by'agateganyo? Oya, ntiyahagaze kuko Inkotanyi zongeye kugaragaza ko zidashobora na rimwe guhemukira ikinyoma.

Inyenzi. Mu gusoma iryo jambo ribanza usabwe gutinda kuri "nye" kandi ijwi ukarishyira hasi. Icyo gihe urabona izina ry'inzoka y'inkazi kandi igira ubumara. Muri za 60, abatera u Rwanda ubu ni ryo zina bari bariyise kugira ngo batere abahutu icyokere. Nyamara ntacyo byatanze. Ingabo z'u Rwanda zabakubise inshuro icyo gihe, zasanze atari umutamiro bituma babita inyenzi, twa dukoko two mu nzu aho kuba "inyeenzi". Cyakora, kubera ko nta kabura imvano, kuba barigereranije n'inzoka, nta kindi bisobanura kitari kamere yabo. Guverinoma ya NSENGIYAREMYE barayishutse ngo nijyaho izarangiza intambara none amaso yaheze mu kirere. Hagati aho iyo ndebye kuri gahunda y'ibikorwa bya guverinoma mfite, nsanga mu mpapuro NSENGIYAREMYE yararangije intambara. None icyizere kiraje amasinde.

Amategeko mpuzamahanga agenga ihagarika ry'imirwano asaba ko impande zombi zishyamiranye zisubira inyuma ho Kms 30 k'ubutaka zafashe. Aya mategeko yubahirijwe, Inkotanyi zasubira inyuma zikagwa hirya ya Kabale muri Uganda. Icyo nta gitangaza kirimo kuko n'ubusanzwe abatutsi b'Abanyarwanda bafashe u Buganda hafi ya bwose. Amajyaruguru yabwo yarabananiye. Inkotanyi rero, gutahuka mu Rwanda ziturutse muri Uganda zibona ari igisebo. Mbese ari ugutsindwa. Zikaba zitabikozwa. Iyo niyi mpamvu nyayo ituma zidashobora guhagarika imirwano. Intambara ntishobora guhagarara mu igihe ishyaka MDR rifite Minisiteri y'Itangazamakuru, n'iy'Ububanyi n'Amahanga, bigaragara ko rifite ibitekerezo bitagwa hamwe ku bijyana n'inyenzi. Dore tariki ya 21 Kamena 1992, Minisitiri w'Intebe yivugiye ku Kibuye ati:"niyo mpamvu rero mwese mbabwiye nti:nimube maso. Imishyikirano tuyikomeze. Porogaramu twiyemeje tuyubahirize. Ariko na none ku rugamba duhagarare neza kuko nicyo tubereyeho, tugomba guharanira ubusugire bw'igihugu cyacu". Ku rundi ruhande, Minisitiri NGURINZIRA Boniface, yavugiye mu nama y'Arusha ati: "kugeza ubu ntawatsinze n'uwatsinzwe. Niyo mpamvu ugutsinda kw'ingabo z'u Rwanda nikubaho, kuzaba kwararanzwe no kwica abakobwa barwo n'abahungu barwo bityo bikaba bibaye icyaha".

Mbere y'ibyo bitekerezo wagira ngo ababitangaza ntibaba mu ishyaka rimwe, Ministri w'Itangazamakuru yari yatangaje ku buryo bubiba amacakubiri hagati y'ingabo z'u Rwanda, icyemezo cyo kugabanya ingabo nk'uko byari byemejwe n'inama ya guverinoma. Mu byukuri rero, amasezerano y'i Arusha ntacyo yungura abahutu: abagize guverinoma ntibayibona kimwe. Ikindi kandi FPR nta bushake igaragaza bwo guhagarika imirwano, ahubwo igamije gufata ubutegetsi bw'i Kigali ku ngufu. Ya miliyoni imwe y'abasore b'intarumikwa NSENGIYAREMYE Dismas yijeje Abanyarwanda, nagire bwangu ayikoranye naho ubundi...

NGEZE Hassan

Inyandiko ikurikira iravuga igitekerezo cy'ingabo ebyiri: imwe ni Inkotanyi, indi ni umusirikari w'u Rwanda. Bose baguye ku rugamba. SIBOMANA NABANTU ni we watwohereje icyo gitekerezo. Cyari mu rurimi rw'igifaransa, tumusaba kuyihindura mu Kinyarwanda aratwemerera.
Birashoboka ko inyandiko ye y'umwimerere twazayisohora muri KANGURA MAGAZINE.

## RWIGEMA NA RWENDEYE MU RUBANZA RWA NYUMA

Abapfuye bo ntibahisha ukuri

Ku ya mbere Ukwakira 1990, ingabo z'umusore wuje ubugome, Général Major Fred RWIGEMA, bateye igihugu gito, gikennye ariko gikunda umutekano. Icyo gihugu ni u Rwanda.

Impamvu zatanzwe :
1. Abategetsi ntacyo bakoze kugirango impunzi zitahuke.
2. Demokarasi iracumbagira
3. Nta majyambere agaragara.

Ibyo bibazo bizakemurwa rero hakoreshejwe imbunda. Ayo ni yo matora avuguruye y'iki gisekuru.

Ingabo za Fred RWIGEMA zamamaye vuba, bitari gusa kubera ko zari ziyobowe n'inyeshyamba y'insoresore ifite ipeti rya Général Major ahubwo no kubera ko iyo nsoresore yahise ipfa itarashe n'isasu na rimwe. «Ponjo moya» yahise nyine itoboka ku munsi wa kabiri w'igitero. Koko amateka nta siba kurema ibiharamagara.

Mu ba «officiers» bafashe iya mbere mu gukumira umwanzi, hari uwitwa RWENDEYE waje kugwa ku rugamba rw'ikuzo. Nawe yagiye akiri umusore. «Adieu mon Colonel».

RWIGEMA wateye atabishoboye na RWENDEYE wahabaye ibamba bose ntibakiri ab'iyi si ariko bagiye guhurira imbere y'umucamanza Mukuru. Uyu nguyu yarakajwe no kubabona kandi atabahamagaye, kuko iteka yigisha urukundo aho kubwiriza intambara. Yanga byabuze urugero ihutaza kandi akamagana cyane amacakubiri. Bwangu bwangu, Umucamanza Mukuru yahise asaba ko icyumba baburaniramo gitunganywa. Kimaze gutunganywa. Inzogera iravuze. Bose barinjiye. Nta gikoma, nta gitamba.

ABARI MURI URWO RUBANZA

1. Abacamanza
   - Umucamanza Mukuru : Perezida w'Urukiko
   - Umutegarugori we : Aseseri
   - Umuhungu wabo : Gerefiye
2. Ababurana
   - RWIGEMA wateye : ararega
   - RWENDEYE wakumiye : araregwa
3. Minisiteri y'Ubutabera : ihagarariwe na Gitera HABYARIMANA Joseph, ni umwe mu bahagarariye iterambere ry'abahutu.
4. Ababuranira abandi

   - Aba RWIGEMA ni :

a) RWABUGIRI : ni umwami wategetse u Rwanda hagati y'1860 n' 1895. Azwi ho kuba yariciye umukwe we ku buriri mu gihe «yubakaga urugo». Yabitewe n'ishyari ry'uko uwo mukwe we yamurushaga ubutwari n'ubwenge.
b) BISENGIMANA RWEMA Barthelemy : Yabaye Diregiteri w''ibiro bya Perezida Mobutu. Yabaye icyamamare kubera ko yigwijeho umutungo w'Abazayirwa afatanije n'abatutsi gusa. Yari yararose kuzagaruka mu Rwanda ari Perezida wa Republika y'Ibirunga igizwe na Zaïre y'Iburasirazuba, Rwanda n'u Burundi.

Aba RWENDEYE ni:
BICAMUMPAKA Balthazar na KAYIBANDA Grégoire. Bombi bari mu bashinze MDR/PARMEHUTU, umutwe urenganura abahutu.
5. Abantu benshi baturutse mu Mutara, Butaro, Kidaho kimwe n'Abaganda bahatiwe n'indyarya Perezida Museveni kwimukira iyo hakurya mu gihe yafataga ubutegetsi mu w'1986.

Mu gutangiza urubanza, Umucamanza Mukuru aragaragaza ko ababajwe no kuyobora urubanza nk'urwo. Aragira ati : ubugome bwicana nk'ubu buteye isoni cyane kuburyo nyirabayazana agomba kugaragazwa vuba duhereye kuri uru rubanza. Uwo icyaha kigaragayeho azahanwa by'intanga rugero kandi avumwe. (Amashyi menshi n'akaruru). Akomeje asaba urega kuvugira mu ruhame ibyo arega RWENDEYE.

RWIGEMA: Ndi ubuvivi bw'ubuvivure bwa Kigwa. Iyo mfura ni sekuru w'abatutsi babonye ubutegetsi bakoresheje amayeri. Mu by'ukuri twakoresheje inka zacu n'abagore bacu. Ibinyejana bitanu byose byihiritse ari twe twenyine dutegeka abahutu. Nta sano riri hagati yacu n'abahutu usibye kubahaka. Ntabwo ari abavandimwe bacu rwose. Ndetse ibyo twabibwiye umwami wacu Mutara RUDAHIGWA washatse ko twagira ibyo tubagenera ku bintu bafiteho uburenganzira, nko guhinduka inshuti zacu. Mushobora namwe kubyibonera muhereye ku gihagararo cyacu kirekire, ku mazuru yacu ateye nk'umwambi, ingoto yacu itumburutse n'ibindi.

Ni bwo, nk'uko bivugwa, mu w'1959, abahutu bigometse, bakora imvururu zatumye twamburwa ingoma. Kubera ko tutashoboraga kubyihanganira, twahisemo kwangara aho kuyoborwa nabo. Nta kuntu rwose twari kwemera gutegekwa n'abagaragu bacu igihe cyose. Kubera ko tutabaziho ubushobozi bwo gutegeka, twasanze ari ngombwa kwongera gufata ubutegetsi twifashishije intwaro.
Ku bw'amahirwe make napfuye mbere yo gushyira indoto zanjye mu bikorwa.
Birambabaje. Ikinshegesha cyane ni uko mu minsi itatu nari kuba ngeze i Kigali. Ubwo hari kuba ari ku ya 3 Ukwakira. Mu minsi itanu yari gukurikira twari gutegura umunsi mukuru twari kwizihiza tariki ya 9 Ukwakira. Kuri iyo tariki muri Uganda naho hari kuba habaye umunsi mukuru w'ubwigenge bw'abanya Uganda twasanze nabo batazi gutegeka none ubu abatutsi tukaba tubi-

bakorera. Mwibaze namwe iyo mpano y'abatutsi twanyazwe.

Umucamanza Mukuru : RWENDEYE hari icyo uvuga kubyo RWIGEMA akurega ?

RWENDEYE : Bwana Mucamanza Mukuru, ubu mpawe umwanya wo kugirango mbabwire ukuri, nta kindi kitari ukuri. Ahubwo twaje gukeka ko ari mwe mwategetse, mukanashyigikira iryo kandamizwa risesuye. Nyuma y'ibyo undega amaze kwivugira, twagiye kubona, tubona umuzungu araje. Ashyigikira ibyahozeho yifashishije iyobokamana gikirisitu rishingiye ku buringanire bw'abantu, ku bureganzira bw'ikiremwamuntu, ku rukundo rw'ukuri. Twasabye abasokuruza bacu kubabaza icyo mubitekerezaho. Mwatinze kudusubiza.

Ariko aho guhera watinda, mwaradusubije : simwe mwabiteye. Twabambuye rero ubutegetsi noneho ibintu bigenda neza. Twategetse neza. Twateye intambwe mu majyambere. Rubanda rugufi ntabwo iniganwa ijambo. Bo bategetse bonyine, bakica bagasahura, barasaba iki kindi ? Mwiboneye ubwanyu ukuntu babakanguye mu ijoro ry'uwa 4 rishyira uwa 5 Ukwakira 1990, igihe mwari mukubutse mu rugendo rurerure. Barabitubwiye igihe cyose ngo mwirirwa ahandi mugataha mu Rwanda.
Ni byo rero, mwari muvuye mu rugendo rurerure. Muvuye mu bitotsi mwabajije igiteye urwo rusaku rudasanzwe, rutandukanye n'urwinkuba mwaremye.

Nyamara twebwe ntitwabishyuye ibyo badukoreye. Ibyo bigaragazwa n'uko impunzi zashatse gutaha zikubaka igihugu zatahutse. Ndetse ejo bundi mugenzi wanjye n'inshuti magara Colonel NSABIMANA wasigaye atabara ahe n'ahanjye yantumye ho Major NTIRUSHIRA ngo ambwire ko NKUNDABAGENZI Fideli ari impunzi yahawe ubutegetsi muri Guverinoma ya NSANZIMANA. Yaje avuga bya binyarwanda bya kera ngo «inama yaremye,imyigaraganzo mu ibarabara...»

Bwana Mucamanza Mukuru, ntabwo rwose tubika inzika nkabo. Indi nkuru ingezeho mu kanya ni uko uwitwa NDASINGWA Lando ari muri Guverinoma ya NSENGIYAREMYE kandi yari yarafashwe mu byitso by'abaduteye. Nyamara abatutsi buje ubugome batashye imitima ya bamwe bakoresheje amafaranga maze bayicengeza ibitekerezo bitari byiza. Ntimwibuka se ko gerefiye, akaba n'umwana wanyu w'ikinege, yaguzwe amafaranga ?

Umwanzi wanjye undega, arashinja abategetsi bacu kuba baranze itahuka ry'impunzi. Abamburanira bari hano bambere abagabo. Baraza kubumvisha ko uko abatutsi bahumeka ari nako babeshya.

Byongeye kandi barahamya ko nta demokarasi iri mu Rwanda.
N'ubwo dusangiye ururimi, intero yacu nabo si imwe. Kuri njye, numva demokarasi ari ubutegetsi bw'abaturage butangwa n'amatora. Ni ukuvuga ko buri wese yivugira. Kuri we, amatora ni Katiousha, Kalashinikov, bombe, mine n'ibindi. Uyu amenyereye gutegeka yicaye ku mva. Iki ni cyo kintera kuvuga ko intero yacu atari imwe.

Ngo nta majyambere mu Rwanda. Aha na none, Bwana Mucamanza Mukuru hari impamvu intera kwibaza amajyambere icyo ari cyo. Njye ndayasobanura uko nyumva. Amajyambere ni ukwibeshaho neza kurushaho, kwiha agaciro no kubaho neza. Mu gihe badutegekaga twabakoreraga bataduhemba, ahubwo bakarenga bakadukubita ibiboko 8 buri gitondo kandi ku kibuno. Mbese kubaho ntacyo byari bitumariye.
None k'ubutegetsi bwacu hari umutekano bamaze gusagarira. Ibyo byose twabigezeho mu bwubahane kandi dufatanije. Ntabwo twigeze tubacyurira imvugo ya Padiri watwigishaga, igira iti : «habaho imbwa eshatu : imbwa y'umurizo, imbwa isaba uwo yimye n'imbwa yima uwayihaye».
Repubulika ya II niyo yagaragaje ko ari bwa bwoko bw'imbwa yima uwayihaye». Mu gihe Repubulika ya I yerekanye ko ari imbwa isaba uwo yimye. Ariko kugeza ubu nta n'umwe urabihingutsa.

Bwana Mucamanza Mukuru, amajyambere yatumye tugira inkiko. Muri zo, umuhutu tumuhana twihanukiriye naho umututsi tukadohora kugira ngo atitwaza ko bamufatanya n'ubuke bwe. Ibyo ariko ntibimushimisha. Yifuza kugira amategeko ye wenyine amugenga. Uko mbizi neza, kugeza ubu nta gihugu na kimwe cyageze ku majyambere. Byose biharanira kubaho neza, imibereho myiza no kwiha agaciro. Ku kibazo cy'uko nta majyambere ahari ndibaza niba ari uko nta ntwaro dufite za rutura nk'izo bateye bafite. Twe dukunda amahoro no kubana mu ituze. Intambara turayamagana. Ntabwo abatutsi tubendereza, ahubwo nibo babikora. N'ubwo ari mwe mwabaremye, tuvuze akababaro kacu, namwe mwabanga. Nibo babwiye umuhutu w'induga ngo uw'i Rukiga aramwanga. Barongera bafata uw'i Rukiga bamubwira ko uw'i Nduga amwanga. Nduga bategetse, bazi neza uko ingana ariko bayitirira amaperefegitura arindwi yose.

Perezida : Hatahiwe ababuranira abandi. Ababuranira RWIGEMA : RWABUGIRI.

RWABUGIRI : Bwana Perezida, ibirego by'uwo mburanira bifite ishingiro. Mu gihe abasekuruza bacu bageraga mu RWANDA bashoreye inka bakiriwe koko n'abahutu. Bari bafite ubutegetsi noneho tububambura dukoresheje inka. Ubwo twaje kubahaka. Nanjye ndetse nabaye umwami ibyo ndabizi. Kuba bararetse tukabategeka, byatweretse ko ubutegetsi atari umurage wabo. Aho niho impamvu yacu yo gusubirana ubutegetsi ishingiye.

Perezida : BISENGIMANA RWEMA !

BISENGIMANA : Mu by'ukuri njye n'uwo mburanira turavuga rumwe. Nta handi dushobora gutegeka usibye mu RWANDA ho hari abahutu bacisha make kandi bakemera byose. Nahoze rwose muri Zaïre. Perezida Mobutu yari amfitiye icyizere gihagije. Ariko nta mahoro nari

mfite yo gutura hanze y'u Rwanda. Ndetse na MUSEVENI ni nkanjye. Ntabwo ashimishijwe no kuyobora abanya Uganda bose hatarimo Abanyarwanda. Twebwe turifuza ubutaka bwacu – twateranyije amafaranga avuye mu ikawa y'abahutu guhera kera. Tubonye amaze kugwira twumva ko ari yo azasimbura inka mu kongera gufata ubutegetsi.
Tutagiye kure, Bwana Perezida, ni mwebwe ubwanyu mwaremye irari. Irari ryacu rero rifite ishingiro kandi ni kamere. Ibyo ntimwabiduhora. Uburyo bwose ni bwiza mu gihe tubona ko bushobora kutugeza k'ubutegetsi. Ese umuhungu wanyu n'umugerefiye siwe wavuze umugani w'amatarenta. Ufite byinshi azongererwa naho ufite bike azamburwa n'utwo yari afite.
Mt. 25, 28 – 29.

Perezida : Hatahiwe ba «avocats» ba RWENDEYE. Ngaho BICAMUMPAKA we !

BICAMUMPAKA : Bwana Perezida, uwo mburanira yabivuze byose kandi birumvikana. Ndavuga make kandi nyayo. Mu kinyarwanda, izina ryanjye ryerekana aho ibintu nk'ibi bikirizwa. Mbese aho bibonerwa umuti. Nararebye nsanga umututsi atarigeze ahinduka, kandi nta na rimwe azahinduka mu gihe cyose azaba ari ikirumira habiri, adashaka kuvugisha ukuri. Ibinyoma bye by'ejo hashize nibyo akigenderaho. Umututsi aho ari hose yumva ko ari hejuru y'umuhutu. Nyamara umuhutu niwe umukorera byose. Umva ntahinga, yibera mu migi. Nta bwo twanze kugabana ubutegetsi ariko nibamenye ko tungana.
Twafashe ubutegetsi ntitwabubahezaho. Twarongoye abakobwa babo. Ntabwo twe tunena. Mumbwire niba abatutsi barongora abahutukazi. Tubereyeho amahoro ntitubereyeho intambara, Bwana Perezida. Iyo umututsi umubwiye ukuri ahita ahunga, akajya gucura ikindi kinyoma kizamufasha kubona icyuho.

Perezida : Kayibanda !

KAYIBANDA : Bwana Perezida, ese ni ngombwa gusubiramo ibyavuzwe ? Ari uwo mburanira, ari uwo duhuje umwuga, bose babivuze neza badategwa. Nafashe ubutegetsi kubera ko akarengane kari kararangije kurenga imbago, abakeya bakandamizaga abenshi. Muri rusange ubutegetsi bwanjye bwagenze neza. Nibagiwe ibyashize, ndabahamagara ngo twiyunge kandi tunasangire ubutegetsi. Abo barega RWENDEYE bariyangiye. None barashaka kuvuga iki ? Ubu mperutse mu ruzinduko i Rwanda, kandi na mwe mwari muhibereye mu ijoro ry'uwa 4 Ukwakira 1990. Ni iki kindi nakongeraho ? Amahoro se ntiyari ahari ?

Ubundi ntibisanzwe ko twitaba mu manza kubera ko tutagira amatiku. Bwana Perezida, nsabye ko wahindura imitima yabo mibi, yuje ubugome. Ibintu bizashyirwa ahagaragara maze tubane mu ituze.

Perezida : Mu bateraniye hano nta wundi wagira icyo avuga ku ntambara y'ukwakira ?

Umugabo : Bwana Perezida, isasu ntirihitamo abo ryica. Ndi uwo mu bwoko bumwe na RWIGEMA.
Narishimye cyane ubwo numvise ko RWIGEMA ategura igitero cyo kutubohora. Cyakora nyuma nasanze nta rukundo rwa mugenzi we agira. Nabiboneye aho yahambye abantu be bose ubwo yakubitanye n'inzitizi zimubuza kugera i Kigali aho ubutegetsi buri. Nari nimereye neza. Neza rwose. Byose byaje guhinduka umwaku. Nasize imfubyi nyinshi. Umugore wanjye naramuka abonye igihutu yitoragurira sinzi ko kizemera no kurera urwo rubyaro rwose. Murumva ibibazo natewe na RWIGEMA wishakiraga inyungu ze bwite. Mfite ubwoba ko umuhutu naramuka arakaye azakorera abasigaye nk'ibi. Cyakora ndacyafite icyizere cy'ubugiraneza bw'umuhutu. Nta bugome agira kandi si inzoka. Yitabara atazuyaje iyo atewe. Afite umutima ubabarira kandi yibagirwa bwangu ibyahise.




Perezida : Minisiteri y'Ubutabera hari icyo isaba ?

Gitera : Bwana Perezida, mu gihe nigaga iyi dosiye natangajwe n'ikintu kimwe. Irari ry'umututsi rihora ari rimwe. Ni iryo gufata ubutegetsi agategeka wenyine. Mwebwe, muramutse mufite abana benshi, umwe muri bo akikubira ibiryo wenyine akima abandi mwabyifatamo mute? Namwe mufite ubwenge buhebuje, ntacyo mbona nabagiraho inama kuri icyo kibazo. Gusa, mubishatse, mwahindura umutima we urimo ubugome n'amacakubiri.
Abanyarwanda baragira bati : «ingwe ntiyari izi gufata ku gakanu yarabibwirijwe».

Umuzungu witwa Jean Jacques Rousseau utuye hariya hirya akaba atabashije kuza kwiyumvira iby'uru rubanza, akiri ku isi yaragize ati : «Muri kamere, umuntu avuka ari mwiza. Ababana nawe nibo bamugira mubi». Koko umuhutu agwa neza. Ariko azahinduka kubera imico y'umututsi. Nigeze kumama ijisho muri Bibliya (Ijambo ryanyu) nsanga hari ahanditse ko ari inzoka yatumye habaho icyaha nkomoko.
Mwabwiye inzoka, ndabisubiramo : «Kubera ko wakoze utyo, uzaba ikivume mu matungo no mu nyamaswa zo mu ishyamba, uzage-

KA02 1702-

# AKAHISE GATEGURA AKAZOZA.

Muncamake twibukiranye kandi tuzirikane ububeshi, ubube—gito, uburyarya n'ubwicanyi bw'abatutsi bagiye bagirira abahutu hano iwacu mu Burundi. Kuva kera narindi abatutsi bagiye bica abahutu (85% z'abanyagihugu) babagiriza - ivyo batazi kandi batakoze, babitirira amazina adashobotse ngo n'udukoko, abamenja, bampemayuzuye, bansumirinda, abansi b'u Burundi n'ibindi vyinshi........ cane cane baba baziza ko, abo bahutu bamaze gutohoza ububeshi, uburyarya n'ubwicanyi bw'abatutsi.

Barundi mwese mwariboneye n'amaso yanyu ukugene abana b'igihugu (abahutu) bishwe urw'agashinyaguro bazira ubwoko bwabo no guserura ivyiyumviro vyabo, none ga Barundi bene—wacu ntimwambariza uwo mushingantahe NGEZE, Minisitiri w'intwaro yo hagati, ariya majambo yavugiye mu Cibitoke ngo, ninde wabwiye Imana ngw'avuke ari umuhutu, umututsi canke umutwa kw'abahutu bapfuye muri za 65; 69; 72; 73; 88; 91 NGEZE ntavuge akaba avuze muri 92, twizigiye kwi ivyo yavuze yaba ari wamugani ngo mbwire gito canje ic'uwundi cumvireho. Mushingantahe NGEZE, niba ukunda koko abo batutsi bawe bagir'inama vuba mwemere umugambwe wacu nawo uze muntambara ya amajambo, n'utsindwa muri poritike bigaragare ikinyoma gikubitirwa (ahashashe) ahabona.

Imigambwe yose rero ubu, igiye kuja muntambara y'amajambo (ya poritike) ntaco leta y'u Burundi igomba gushiramwo amananiza, iyo tuvuze leta y'u Burundi, tuba tuvuze Uprona, Ubu rero ari Uprona n'iyindi migambwe izovuka novugako, igiye kuja muntambara ya poritike, ntaco Uprona (leta) ivuga ngo imigambwe tuzorwana nayo, igomba kuzoba yambaye gutya, ngo niho nzokwemera turwane. Muncamake rero iyo migambwe yose, izokumirwa mu intambara y'amajambo (poritike) ntizokumirwa mu intambara y'ibipfunsi.

Akashakiye abarundi twese, kagomvye kudutegurira akazoza. Nihagira umugambwe muzokwankira n'umwe tuzoba tubatahuye, abarundi nitwe, tuzokwemererera canke tugakumira umugambwe uwarirwo wose; kabiriri naho, ntaco ukomeza kwiteranya n'ababanyi ngo, umutekano w'u Burundi urahungabanwa n'abava hanze, nitwe abanyagihugu tutishimiye ivyo muriko murakora mugushaka kukumira iyindi migambwe mwishimikije ingirwa bumwe butariho n'iryo tegeko nshingiro mwatwemeje ku inguvu n'ingoho iri kugakanu.

Barundi, Barundikazi namwe Rwaruka mugavye kandi myame myarikanuye kuko ivyo Buyoya ariko arakora ubu, vyo gushira ingirwa bahutu muri leta yiwe no mu mugambwe wiwe Uprona atakindi bigendereye atari cane—cane guhuma amaso y'abanyagihugu n'amakungu, kugira ngw'ase mwerekane kw'ashaka ineza yabose, ariko ivyo vyose ariko akora ubu, niko n'abamubanjirije babikora iyo twashika mu igihe nk'iki c'imigambwe myinshi, kugira ngo abahutu babeshe intsinzi, inyuma yiyo ntsinzi ivyakurikira murabizi. Ndangije iki kiganiro ngiriye abarundi bose, ndabibutsa uyu mwibutsa w'intabwe yashatse kwigira intama ( yambara urushato rw'intama) iyo ntambwe yarishije ivyatsi imisi mikeya birayinanira, ica irengera muri zino ntama irazinigagura, ivyo kandi niko vyagiye bimera ino iwacu. Igiti ntikigukora mu ijisho kabiri.. Ako n'akahise gategura akazoza.

Ndasaba Perezida wacu Buyoya kwemera kugirana imibonano na Perezida wa Palipehutu Karatasi Etienne kugirango baronderere hamwe amahoro na demokarasi y'ukuri, hako Buyoya aja arajarajara mu bihugu vy'ababanyi ngo bakunde bagirire nabi impunzi z'abarundi iyo zigorewe kandi aho hose aba arigusesagura umutungo w'igihugu twabiriye akuya.

Umusomyi wa Kangura
NDABAMENYE Mathias
BWIZA—Buja

---

*Ibikurikira urup.* 5

ndesha inda, uzatungwa n'umusenyi ibihe byose. Nzashyira ubwumvikane buke hagati yawe n'umugore wawe, hagati y'urubyaro rwawe. Urwo rubyaro ruzagukandagira umutwe nawe ururume agatsinsino». (Itangiriro 3. 14 — 15).

Njye ntabwo nifuza urwangano hagati y'umuhutu n'umututsi. Icyo nsaba ni uko bahuriza hamwe kugirango buzuze ugushaka kwanyu.

Perezida : Haje igihe cyo gukiza urubanza.

Maze kumva ababurana, ababuranira, umwe mu bagabo n'ibisabwa na Minisitiri y'Ubutabera, maze kubona ko umututsi adashaka kwisubiraho ntegetse ibi bikurikira. Nta muhutu uzongera guhakwa n'umututsi, abahutu nibo bagomba gutegeka. Icyizere n'icyubahiro ku batutsi bizarushaho guta agaciro. (Amashyi menshi).

Mbambuye ubutegetsi kubera ko mwakunze kurenganya igihe kirekire kandi mugakunda intambara mu gihe nigisha urukundo.

Umutegarugori wa Perezida : Nibaramuka bicujije ?

Perezida : Imbabazi zanjye ntizigira ingano. Mu mitima y'Abanyarwanda nzahanaguramo ikibazo cy'amoko. Noneho ubutegetsi bujye busimburana hagati yayo. Nibitagenda bityo nibo bonyine bazajya bayatsinda.

SIBOMANA NABANTU
B.P. 250 Kigali

KANGURA irasaba abagiraneza kuyigoboka m kwishyura fagitire za telefoni ikoresha mu gutara amakuru. Bizaba ari ubmwe mu buryo bwo gufasha ikinyamakuru cy'abahutu. Dore izo telefone zifunzwe kubera ibibazo by'ubukene: 7 3586, 40 625, 40 681. Umubare w'amafaranga agomba kwishyurwa muzawubwirwa n'aho barihira. Buri mugiraneza azishyura fagitire yumva ashoboye. Nimwime amatwi abakwiza ibigambo ngo ubukene bwacu ni ikinamico.

# BUCYANA MARTIN, PEREZIDA WA CDR NA Dr NSENGIYAREMYE BARATEGURA UBWIYUNGE BWA MDR NA CDR MBERE YUKO INYENZI ZITAHA

Ngo amazi arashyuha ntiyibagirwa iwabo wa mbeho. Amakuru dukesha abanyamahanga bakurikiranira hafi ibibera mu Rwanda aremeza ko hari umugambi abo bagabo bombi bafite. (Bucyana na Nsengiyaremye).

**Uwo mugambi uteye ute ?**

Nyuma y'aho NSENGIYAREMYE atahuriye ko inyenzi zizarimbura abahutu bose cyane cyane abanyabwenge n'abifite batavuga rumwe nazo, yegereye Bucyana amugezaho igitekerezo cyo guhuza CDR na MDR mu ishyaka rimwe ryakunga kandi rikarengera inyungu z'abahutu. Ngo bamwe mu bayoboke ba MDR banze uwo mugambi (nka ba TWAGIRAMUNGU) Dr NSENGIYAREMYE azahitamo kuba umuyoboke wa CDR. Kimwe n'abandi bayoboke ba MDR barangije gutahura amayeri y'umwanzi.

Igishimishije ni uko MBONAMPEKA yemereye NSENGIYAREMYE ko uwo mugambi nugerwaho nawe azaba abonye uburyo bwo kwigobotora inyenzi zamugoteye muri P.L., ishami rya politiki rya FPR rikorera mu Rwanda. Impamvu ibyo byashoboka ni amagambo meza Dr. NSENGIYAREMYE yavugiye ku Kibuye yihaniza inyenzi azimenyesha ko hari urubyiruko rw'intarumikwa rugera kuri miriyoni rushobora kwambara rukarinda ubusugire bw'u Rwanda.

Uwo mugambi NSENGIYAREMYE afite, ibinyamakuru by'inyenzi nabyo byarawutahuye none byatangiye kuwurwanya n'ubwo bwose twe tuwushyigikiye.

NGEZE Hassan.

# NIBA KOKO INYENZI ATARI INDYANDYA, KUKI CDR YAZIKUYE UMUTIMA ?

Iyi nyandiko ntabwo igamije gutanya abanyarwanda cyangwa se kubateranya. Gusa iragerageza gusobanura ibibera mu Rwanda kuva aho intambara itangiriye n'ishyirwaho ry'ishyaka CDR (impuzamugambi ziharanira Repubulika). Nubwo benshi bakomeje kwibeshya ku ishyaka rya CDR, ntabwo rigamije kurimbura abatutsi cyangwa se kuniga ishyaka P.L.

Abatutsi bamaze kumva ko Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yemeye ishyaka CDR, bakubiswe n'inkuba. Dore ko umugambi wabo wo kwongera gufata ubutegetsi bambuwe na revolusiyo yo mu w'1959 wari uburiyemo.

Ishyaka CDR rikura umutima abatutsi kuko rifite umugambi wo gucubya inyota yabo yo kugarura ingoma ya gihake. Iryo shyaka rifite ishema ryo kuba ryarakanguye abahutu bari barasindishijwe n'ingirwa mahoro ya Republika ya II yo yahaye abatutsi urubuga rwo gutegura uko bazihorera.

Nta wakwirirwa yibutsa ko abahutu bipakuruye ingoma ya gihake ntutsi mu mwaka w'1959 n'iya gikoronize mu w'1962.

Hakaba hashize imyaka 30 abahutu bayobora igihugu mu gihe abatutsi bari bamaze ibinyejana bine cyangwa bitanu (imyaka 400 cg 500) ku ngoma. Reka rero revolisiyo ibe mu w'1959. Abatutsi ntibasobanukirwa. Bari bazi ko abahutu batazamara igihe ku butegetsi dore ko bazi ko aribo (abatutsi) bonyine ngo baremewe gutegeka.

Abahutu bagombaga gusubira kuri «soroa» dore ko ngo ari cyo baremewe. Ni nacyo gisobanura ibitero 13 byose abatutsi bagabye mu Rwanda kuri Repubulika ya I, ariko buri gihe bagakubitwa incuro.

Ibyo ntibyabujije impunzi zimwe na zimwe gutahuka, zigatangazwa n'uko umuhutu yitonda, nta nzika agira n'ubwo bwose umututsi adahwema kumucokoza. Abatutsi bagera n'aho bakeka ko umuhutu ngo ari ikigoryi kuko atagira na rimwe inzika.

Niba ari ubwoba cyangwa se uburyarya, ntawamenya. Umututsi yageze naho ahisha ubwoko bwe, bumutera isoni. Aba umuhutu mu ndangamuntu no mu mafiche ya komini. Ku buryo kuvuga ijambo umututsi byabaga ari nk'igitutsi cyanahanirwa ngo kuko ari ugutanya abanyarwanda. Umutwa wasuzuguwe imyaka n'imyaka aracyari umutwa. Umututsi we bite ? Kuvanwa ku ngoma nibyo se byatuma umuntu yanga ubwoko bwe ? Nyamara guhakana ubwoko bwawe ni icyaha ku Mana ishobora byose yo yashyizeho amoko.

Umuhutu yaravunitse ngo igihugu cye gitere imbere. Asaba mugenzi we w'umututsi ko bafatanya. Yiyibagiza ko umututsi atigeze yibagirwa ko atakiri ku ngoma, ko bikimurya mu nda. Akora atabishaka. Ariko kuva aho amajyambere atangiriye kugaragarira umututsi yashatse kuyikubira, apyinagaza umuhutu. Kugira ngo arangaze umuhutu, umututsikazi niwe wagakoze. Umuhutu nawe agakomeza kwitera ijeki agira ngo afite umufasha, naho ntakamenyeko ibyo umututsikazi akora byose aba agamije ikintu kimwe : gusubiza bene wabo ku ngoma mu ibanga.

Ariko se twibaze. Iyo umuhutu aza kuba umugome nk'uko babivuga, hari umututsi uba akirangwa muri iki gihugu ?

Ubundi kwihorera bibaho, ni ibya buri muntu.

Ariko uburyo abatutsi bagiye bakoresha burenze ubugome. Ntawabona amagambo abivugamo. Urebye ukuntu umwami RUTALINDWA, umuhungu wa RWABUGIRI yapfiriye kurucunshu, ukuntu RWANYONGA yishwe na RWABUGIRI wakumirwa. Iyo urebye ukuntu

inyenzi zirirwa zimisha ibisasu kubavanywe mu byabo n'intambara, uko ibyitso bigenda bitega ibisasu hirya no hino mu gihugu biteye icyo n'iki.

Tugaruke gato ku gitera umutekano muke urangwa mu Rwanda. Igisubizo kiroroshye. Umututsi arashaka ubutegetsi ku ngufu kandi azakoresha uburyo bwose ngo abugereho, uretse amatora kuko yatsindwa. Mwambaza muti, none se igisasu hari ubwo gitoranya ? Nibyo koko, igisasu ntikivangura. Ariko igishobora ku batangaza ni uko nta mututsi n'umwe uramagana abadutera, ahubwo ugasanga abashyigikira. Kuko yizeye ko umunsi umwe bazatsinda.

Tugomba kuba turi impumyi. None se guceceka kw'abatutsi ku marorerwa y'inyenzi ntiguhishe byinshi ? Ibyo bitero bya buri munsi si ibyabantu bamwe kuva twabona ubwigenge ? Kuki ishyaka MRND ribumbye amoko yose bavuga ko ari ishyaka ry'iterabwoba kandi ababivuga akaba ari bo barisahuye ? Kuki CDR bavuga ngo ivangura amoko mugihe P.L. yigaramiye ? Umututsi yahemukiye umuhutu kuko yamukiriyeho. Ku buryo byari bikwiye ko iby'abatutsi batunze byafatwa ku ngufu za Leta.

Amayeri y'Abatutsi ni menshi. Aho amashyaka menshi agiriyeho mu w'1990, abatutsi bihutiye kujya muri MDR, PL itari yashingwa. Kubera iki ? Kuko MDR/PARMEHUTU yari yarerekanye ko itavugirwamo, iyo ı haba hambere iba yarafashe ibyemezo bihamye, itajandajanda. Abatutsi rero babonye ari ngombwa kuniga iryo shyaka rivutse. Ikimenyimenyi ubu MDR na PL zaranywanye kandi P.L. iteme-

ra revolusiyo yo mu w'1959. MDR nshya icyo yakoze ni uguteranya abanyarwanda ivangura uturere (KIGA-NDUGA) ku bahutu gusa mu gihe abatutsi aho bari hose nta kibazo cy'uturere.

Intego y'ishyaka CDR ni ukwerekana ukuri, ukuri gusa. Ya politiki yo kwirengagiza ibintu ubireba ikwiye kuvaho. Ni nayo mpamvu ishyaka CDR twarigereranya n'intare, ntitera iritabara yikiza inzara zityaye za P.L. Mbere y'uko intambara iba, abatutsi bari mu byishimo bidasanzwe. Ndetse ibinyamakuru bimwe na bimwe by'inyenzi nk'Impuruza na KANGURA byari bibizi dore ko byanabivugaga mu mayeri. Intambara koko iraba. Abadutera baraboneka. Ni abatutsi bikingirije abahutu b'ibibwa nka Alexis KANYARENGWE na Pasteur BIZIMUNGU. Ibiri amambu, ibinyamakuru bimwe na bimwe byareze KANYARENGWE kuba yarumvikanye na PEREZIDA HABYARIMANA kugira ngo batsembe inyenzi ku rugamba. Ni nde utazi ko nta muhutu n'umwe urwana mu Nkotanyi ?

Abaduteye bamaze kumenyekana, ibyishimo by'abatutsi byahindutse amarira. Batinyaga gutahurwa. Ibyo aribyo byose bakomeje gusebya u Rwanda hanze, bifatira amahanga ku buryo yashatse nayo gufunga imfashanyo yageneraga u Rwanda. Imana ikinga ukuboko dore ko n'ibuye ryagaragaye riba ritakishe isuka. Umunsi umwe inkuru irakwira. Umutware mukuru w'Inyenzi Fred Rwigema umwanzi w'abanyarwanda arinanura ! Ni nacyo yashakaga ! Abaturage bajya mu mihanda, barishima. N'ubwo umututsi nawe yagiye mu mihanda bya nyirarureshwa, imbere mu mutima yarashiraga. Colonel RWENDEYE aratabaruka avuye ku rugamba. Abanyarwanda barababara, abatutsi bavuza impundu. Bagira icyizere ngo bazatsinda. Kuki uwatabarutse arwanira igihugu yababaza bamwe, urupfu rwe rugashimisha abandi ?

Ibyo sibyo byatuma CDR ishinga imizi kugira ngo ibyiza bya revolisiyo bitari byasibangana ? CDR ni ingome gute mu gihe yerekana umwanzi wa rubanda ? Ni uko ari intare ariko irusha ingufu inzoka y'inkazi.

SIBOMANA Nabantu.

# ABAYOBOKE BA MDR MURI BENELUX

Nimwisomere aho hepfo (mu rurimi rw'igifaransa) uko abarwanashyaka ba MDR babona ishyaka ryabo banyujije ijisho k'ubishyize ku isonga. Iryo shyaka bararigaya kutagira umurongo uhamye kandi uzwi rigenderaho. Abo barwanashyaka muraza kwibonera ko nta kindi kintu bashyira imbere uretse urukundo rw'igihugu cyababyaye. Bityo barerekana ukuntu NGURINZIRA Boniface yavuze disikuru ifite amapaji icumi atangira imishyikirano y'i Arusha bitari ngombwa. Barerekana ko yagambaniye igihugu.

Ariko kandi, barashima ubutwari bwa NSENGIYAREMYE. Kuri iyo ngingo abarwanashyaka ba MDR bari mu Rwanda babona ko NSENGIYAREMYE agenda arushaho kubereka igihandure, baremeza ko Ministiri w'Intebe yaba yaraguriye bariya barwanashyaka bari muri BENELUX ngo baharabike bagenzi be. Ibyo birashoboka kuko no mu ishyaka PL byatangiye. Abayoboke ba MDR muri BENELUX barangiza inyandiko yabo batanga ibyifuzo n'imyanzuro. Nimusome KANGURA.

Baranagaya abagambanyi Bagaragaza Thadée na Twagiramungu Faustin, banasaba ko abo bantu uko ari bane ntawari ukwiye kubaha ijwi.

MOUVEMENT DEMOCRATIQUE REPUBLICAIN (M.D.R.)
SECTION DU M.D.R. AU BENELUX
c/o NSABIMANA Alexis
Place des Paniers 3/102
1348 Louvain-La-Neuve (BELGIQUE)
Tél: 010/45 50 09 Fax: 010/45 32 20

A l'attention des membres du Comité national du MDR (tous)
Chers Amis,

En cette période difficile pour le Rwanda, la Section du MDR au BENELUX, en concertation avec la Section du MDR en Allemagne, se voit obligée de réagir sur la maniè-

re dont le Parti et le Gouvernement font face aux graves problèmes que connaît le Rwanda.

Nous avons déjà émis nos réflexions à plusieurs reprises à travers nos rapports d'activités adressés au Comité Directeur du Parti ainsi que par des entretiens avec certains membres du Comité National de passage à Bruxelles. Aujourd'hui, l'ampleur des événements nous oblige à adresser notre contribution à tous les membres du Comité National en leur demandant de faire parvenir nos préoccupations à tous les membres du MDR au Rwanda.

Nous sommes conscients que les adversaires du MDR de tout bord vont tenter d'exploiter notre message qui est sévère et à juste titre envers certaines personnes du Parti nommément citées, mais nous considérons qu'il est temps que les membres du MDR interviennent directement pour redresser le Parti.

Le MDR constitue un grand espoir pour le peuple rwandais. Toutefois, la manière dont sa Direction affronte des problèmes graves que le pays traverse déçoit. Il est grand temps de se ressaisir et redonner confiance au peuple rwandais.

Nos points de vue se limiteront au fonctionnement du parti ainsi qu'à la nature et aux conclusions des nécogiations avec le FPR.

**1. Le fonctionnement du parti.**

Au moment où le MDR affronte des problèmes difficiles pour le Rwanda, il doit être suffisamment structuré et bien orienté. Nous nous sommes permis de relever certaines défaillances graves qu'il faut corriger rapidement afin que le parti conserve la place qu'il a acquise sur l'échiquier politique rwandais et qu'il ne déçoive pas les millions de Rwandais qui ont placé beaucoup d'espoir en lui.

1. Absence de positions claires et stables sur les problèmes cruciaux du pays. Aujourd'hui, il y a très peu de documents définissant la position du parti sur les grands problèmes du moment. A titre d'exemple, la position du MDR sur la guerre que le FPR mène contre le Rwanda ainsi que sur ses revendications n'a jamais été claire.

Ainsi, le Ministre des Affaires Etrangères affirme dans son discours que les partis consultés sont d'accord sur le principe d'intégration des éléments du FPR dans l'armée rwandaise. Est-ce qu'une telle position a été discutée au sein du parti? A-t-elle été portée à la connaissance des membres?

L'absence d'une telle démarche entraîne inévitablement des discordances dans le discours du parti, chacun faisant des déclarations qui ne relèvent que de son propre point de vue. Par ailleurs, l'absence de positions claires et stables fait que l'opinion nationale et internationale est exposée uniquement aux idées des autres partis. En fin de compte, ce sont ces idées là que nous ne partageons pas nécessairement qui sont souvent concrétisées.

N'est-ce pas de là que provient l'affirmation selon laquelle: "le MDR n'aurait pas de ligne de conduite" alors que notre parti dispose d'une richesse extraordinaire en ressources humaines et un passé glorieux où nous puisons beaucoup d'enseignements? Hélas, nous constatons qu'ils ne sont pas rentabilisés!

Enfin, l'abscence de positions claires alors que notre parti est représenté au Gouvernement fait que le public ne peut pas savoir si les décisions prises par le Gouvernement sont conformes à nos souhaits.

Il faudrait désormais discuter et adopter des résolutions au sein d'un organe largement représentatif du parti chaque fois qu'un problème important se pose dans la vie du pays ou celle du parti.

Des résolutions discutées largement sont l'occasion d'un brassage d'idées, de compromis entre les différentes tendances et d'homogénéisation au point de vue du parti. De telles résolutions en Kinyarwanda et en Français devaient être portées au public national et international et servir de ligne de conduite aux leaders du MDR.

2. Absence de structures efficaces.

Nous louons le travail extraordinaire qui a été réalisé au niveau de la sensibilisation de la masse sur les valeurs démocratiques et qui fait du MDR un grand parti de masse. Toutefois, un effort supplémentaire doit être déployé pour donner au parti des structures solides.

Si le Comité national de relance et de rénovation a été efficace à un certain stade, cette efficacité n'est plus assurée dans un moment où les événement se succèdent à un rythme très rapide. Nous ne pouvons que regretter le retard accumulé au niveau des élections internes au sein du parti. Le Congrès national aurait déjà pu se tenir. Il ne sert à rien de le reporter à plusieurs reprises sous prétexte que les conditions ne sont pas réunies. En effet, étant donnée la situation globale du pays, celles-ci risquent de ne pas être réunies pendant un bout de temps.

Nous recommandons vivement que la tenue du congrès national du MDR fixée au 30 août 1992 par le Comité national du MDR ne soit plus reportée. Nous invitons les congressistes qui seront présents à élire comme Président du MDR un homme qui réunit le maximum de consensus au sein du parti, qui est accepté par toutes les tendances existantes dans le parti et qui montre un sens élevé de l'Etat.

3. Déclarations de nature à ternir l'image du MDR.

Comme nous l'avons signalé auparavant, nous sommes conscients que les adversaires du MDR seront tentés d'exploiter nos points de vue de manière malhonnête. Cependant avec la tournure des événements actuels, il serait difficile de taire nos critiques. Aussi demandons-nous une certaine compréhension de la part des personnalités dont les prestations et déclarations nous semblent nuisibles pour le parti et que nous citons ci-après.

(a) Les déclarations de Mr Ngulinzira Boniface aux antennes de RFI le 12 juillet 1992 (20h30, heure de Kigali) font croire que l'armée rwandaise n'est pas une

armée nationale et découragent le peuple rwandais et les forces armées rwandaises engagées dans la défense de l'intégrité du pays.

b) Comme nous le verrons plus loin, le discours de Mr Ngurinzira à Arusha le 10 juillet 1992
– contient des considérations injustes sur le MDR PARMEHUTU;
– contredit les points de vue du parti qui figurent dans le discours que le Premier Ministre a prononcé à l'occasion du meeting du MDR à Kibuye le 21 juin 1992.
(c) En affirmant que le FPR lutte pour une même cause que le MDR, le PL et le PSD, les déclarations de Mr Twagiramungu à la télévision au cours des pourparlers de Bruxelles (du 28 mai au 2 juin 1992) entre le MDR, le PL, le PSD et le FPR semblent légitimer la guerre que le FPR mène contre le Rwanda. Ce qui est en totale contradiction avec les positions antérieures du MDR.

(d) Le communiqué conjoint sanctionnant les pourparlers ci-haut cité prévoit une collaboration immédiate avec le FPR. En signant ce communiqué, Mr Twagiramungu et Mr Bagaragaza découragent le peuple rwandais et les partisans du MDR en particulier qui sont engagés depuis deux ans environ dans la lutte contre la violence et la terreur que le FPR sème dans la population.

(c) Après la réunion du Conseil des Ministres qui a évoqué une éventuelle démobilisation dans l'armée après la guerre, en rapport avec le PAS, le communiqué publié par Mr Ndengejeho Pascal a fourni une version déformée et dangereuse pour le pays. Cela dénote une incompétence indigne d'un membre du Gouvernement.

Nous invitons les personnalités concernées par ces défaillances à faire preuve de clairvoyance afin d'éviter les actes de nature à affaiblir notre parti. Nous attirons aussi l'attention du Comité national du MDR et de tous les partisans du MDR sur la nécessité de tout mettre en oeuvre afin que de telles défaillances ne proviennent plus du MDR.

**2. La nature et les conclusions des négociations avec le FPR.**

Nous savons que le Rwanda connaît des heures difficiles à cause de la guerre que le FPR mène et qu'il a intensifiée pendant ses jours de négociations. Donc comme tout Rwandais, nous aspirons à ce que cette guerre prenne fin par voie de négociations. Mais nous sommes étonnés par la tournure que le discours et les déclarations de Mr Ngurinzira Boniface ont donnée aux négociations d'ARUSHA.

1. Le discours de Mr Ngurinzira.

Le discours d'ouverture de Mr Ngurinzira Boniface, Ministre des Affaires Etrangères et membre de notre parti nous a fort ébranlés pour les raisons suivantes:

(a) Contradictions avec le discours programme du Premier Ministre du 16 avril 1992.
Le Premier Ministre affirme que *"l'approche inefficace du problème des réfugiés ne justifie en rien la voie empruntée par le FPR, à savoir le recours à la violence et à la guerre qui ont causées tant de souffrances de part et d'autre"* (p3). Le discours du Ministre des Affaires Etrangères prétend qu'en octobre 1990, la lutte armée se justifiait du fait qu'il n'y avait qu'un parti unique qui rendait impossible l'alternance au pouvoir (p. 16). Ce discours ne tient pas en considération le fait que d'autres pays africains où régnait également les partis uniques évoluaient déjà vers le multipartisme et que dans le contexte international d'alors on pouvait déjà prévoir que le Rwanda n'échapperait pas au vent de démocratisation venu de l'Est.
La lutte démocratique avait d'ailleurs commencé avec la publication de la lettre des 33 intellectuels le 1er septembre 1990 *"Pour le multipartisme et la démocratie"*.

(b) Contradiction avec le discours du Premier Ministre à Kibuye le 21 juin 1992. Le Premier Ministre renouvelle l'appel à la population pour soutenir l'armée nationale afin de défendre l'intégrité du territoire: *"Nigo mpamvu rero mwese mbabwiye nti: Nimube maso. Imishyikirano tuyikomeze. Programu twiyemeje tuyubahirize. Ariko na none ku rugamba duhagarare neza koko nicyo tubereyeho tugomba kurengera ubusugire bw'igihugu cyacu.* (p.1)
Le Ministre des Affaires Etrangères dit: *"Il n'y a à ce jour ni vainqueur ni vaincu, et c'est bien ainsi car la victoire militaire, même si elle était conquise après que le Rwanda aura été couvert de cadavres de ses fils et filles, resterait un crime"*.
Y aurait-il un manque de concertation entre le Premier Ministre et le Ministre des Affaires Etrangères?

(c) Considération injustes à l'égard du MDR Parmehutu.
Mr Ngurinzira affirme que *"le problème des réfugiés rwandais aurait pu trouver une solution juste, raisonnable et satisfaisante si, depuis 1968, date à laquelle cessèrent définitivement les attaques des réfugiés, il avait bénéficiés d'une approche réaliste et constructive"*. Or, Le MDR PARMEHUTU et le Président Kayibanda ont toujours appelé, en vain, les réfugiés rwandais à rentrer dans le pays. Le mouvement des Inyenzi les a pris en otage en les empêchant de rentrer tant que les chefs de ce mouvement n'auraient pas repris le pouvoir.

(d) Déclaration déplacées sur le problème des réfugiés
Mr Ngurinzira était allé négocier au nom du Gouvernement rwandais. Dire que *"la petite superficie du Rwanda a servi de prétexte pour dénier aux réfugiés rwandais un droit inaliénable"* est juste. Cependant, c'est un discours déplacé au moment des négociations entre le Gouverne-

ment rwandais et le FPR.

(d) Conception erronnée en ce qui concerne les détenteurs du pouvoir au Rwanda.

Qu'est-ce que Mr Ngurinzira entend par "dictature de la majorité" dans le cas du Rwanda? Il semble cautionner la thèse selon laquelle l'ethnie Hutu serait au pouvoir au Rwanda, mettant ainsi dans le même sac de dectateurs le Général Habyarimana et le simple citoyen qui gagne difficilement sa vie.

Au moment où la majorité du peuple rwandais, toutes ethnies confondues, s'est mobilisée pour la démocratie, il est aberrant de la part de Mr Ngurinzira de considérer qu'il y ait une quelconque "dictature de la majorité". Par ailleurs, nous voudrions lui rappeler que bon nombre de commerçants Tutsi a fait partie de l'entourage du Général Habyarimana pendant longtemps.

**2. Mauvaise procédure de négociation.**

. Tout d'abord, à quoi sert un discours de 10 pages au début des négociations?

. Il est vraiment rare que même dans les conditions les plus difficiles, un négociateurs annonce ce qu'il est prêt à concéder avant les négociations. La logique de négociation fait que dans ce cas, la partie adverse monte les enchères. C'est ce qui s'est passé dans les négociations d'Arusha. Mr Ngurinzira s'est empressé d'annoncer que le Gouvernement rwandais acceptait l'intégration des militaires du FPR dans l'armée rwandaise. Le FPR a alors monté les enchères et exigé la fusion. Si bien que Mr Ngurinzira a déclaré aux antennes de RFI qu'il avait accepté la fusion de l'armée rwandaise et des forces du FPR pour "constituer une véritable armée nationale", selon lui.

La procédure utilisée est naïve. Le FPR ne fera pas de cadeau au Gouvernement rwandais, fusse-il dirigé par un Premier Ministre provenant d'un parti de l'opposition. Le FPR exigera le maximum qu'il peut atteindre. Par ailleurs, interprétée comme un signe de faiblesse ou une capitulation, cette procédure pousse le FPR à intensifier les attaques pour prendre tout le pouvoir.

3. Le contenu des accords :
*un accord à tout prix ne conduit pas à une paix durable;*
*un accord qui humilie le peuple rwandais ne peut pas tenir longtemps*

Il est vrai que la situation est difficile pour le Rwanda, mais faut-il accepter tout ce que demande le FPR, lequel est précisément moteur de cette situation? Peut-on parler de négiciations, dans ce cas-ci, le FPR ne concède rien du tout?

(a) Nous n'acceptons pas la fusion de l'armée rwandaise et les forces du FPR parce qu'elle est contraire à la stabilité du pays et à la souveraineté nationale. Une note explicite sur ce point suivra.

b) Le principe de participation du FPR à un Gouvernement de transition élargi ne peut être accepté que si le FPR donne des garanties qu'il n'exploitera pas ce tremplin pour destabiliser l'Etat de l'intérieur. Par ailleurs, le FPR viendrait participer au pouvoir en tant que force politique ou représentant de quelle catégorie sociale ou quelle commmunauté (ethnie réfugiés, etc...)? Cela devrait être clarifié et consigné dans l'accord de paix. Il faudrait en effet, pouvoir d'abord apprécier sa représentativité.

(c) Il est surprenant et malheureux que l'accord de N'SELE défavorable au Rwanda et dont les critiques avaient été émises dès le 29 mars 1991 a été repris comme base de discussion.

(d) Le contrôle du cessez-le-feu n'inclut pas la surveillance de la frontière rwando-ugandaise alors que nous sommes convaincus que malgré la politique de bon voisinage entretenue envers l'Uganda et les autres pays voisins par l'actuel Gouvernement rwandais, Mr Museveni et son armée ont intensifié leur soutien au FPR.

(e) Nous ne pouvons pas cautionner le retrait des tropes françaises du Rwanda. En effet, celles-ci sont venues au Rwanda pour une mission bien précise: "assurer la sécurité des ressortissants étrangers résidant au Rwanda". Or, tant que la paix n'est pas effective, le facteur d'insécurité subsiste.

**3. Propositions.**

Afin de faciliter le travail de réflexion du parti nous proposons la création rapide d'un centre d'étude et de conseil du parti en vue d'approfondir les questions importantes qui se posent à court, moyen et long termes. Celui-ci serait consulté régulièrement par la direction du parti.

Etant donné la faiblesse des moyens matériels et financiers dont dispose le parti actuellement, ce centre pourrait être dirigé par un permanent chargé, en plus d'autres tâches, de coordonner l'activité d'un certain nombre de bénévoles qui sont prêts à fournir un travail de réflexion pour le parti.

Par ailleurs, étant donnée l'actualité qui prévaut nous proposons la création immédiate d'une commission ad hoc chargée du suivi des négociations entre le gouvernement et le FPR. Cette commission qui devrait être en contact permanent avec le Premier Ministre et le Ministre des Affaires Etrangères ferait régulièrement rapport et synthèse au Comité national avec des propositions concrètes à mettre sur la table du Gouvernement.

**4. Conclusion.**

En définitive, les difficultés que notre parti connaît et que nous avons évoquées interpellent sa base à se livrer à une sérieuse autocritique sur la compétence, le sens de l'honneur et l'intégrité des personnalités auxquelles confier des responsabilités ou relevant de la direction de notre parti.

Cette autocritique devrait figurer à l'ordre du jour du Congrès national du MDR prévu le 30 août 1992. C'est le moyen obligé de prévenir à temps d'éventuels cas d'in-

trigues, de corruption (morale ou financière), de naïveté, d'incompétence ou d'une lutte acharnée pour le pouvoir qui ne serait justifiés que par des intérêts personnels. Cela est inadmissible pour un parti dont le rôle dans l'histoire et l'avenir du Rwanda doit rester glorieux.

Malgré le ton sévère que notre message a dû prendre, nous ne serions le terminer en passant sous silence l'effort soutenu et le dévouement des membres de notre parti sur la sensibilisation de la population aux valeurs démocratiques et à la mobilisation pour un développement social harmonieux.

Nous restons convaincus que notre parti pourra passer le cap difficile qu'il traverse actuellement et qu'il continuera à rassurer et à donner confiance à la population rwandaise.

Nous renouvellons notre attachement au MDR, parti historique, parti de masse, parti d'avenir.

Puissions-nous serrer nos coudes au cours de ces temps difficiles et travailler beaucoup mieux qu'actuellement pour que nous méritions l'héritage glorieux du MDR PARMEHUTU et du Président Kayibanda.

Vive le Rwanda!

Vive la démocratie!

Louvain-La-Neuve, le 17 juillet 1992

Pour la Section du MDR au BENELUX

Nsabimana Alexis

Pour la Section du MDR en Allemagne

Nsekuye Bizimana

## INKOTANYI ZIGAMBIRIYE GUSENYA UMURYANGO W'ABANYESHURI BO MU BUBILIGI.

Kangura tugukundira ko udatinya kuvuga ukuri, ukaburira buri gihe bene gahutu hakiri kare ku migambi mibi y'Ibyitso byazo, ukamagana abigira nyoni nyinshi, biyobekeranya, bashaka gusubiza rubanda nyamwinshi mu buja.

Hano mu Bubiligi Kangura nicyo kinyamakuru abanyarwanda benshi dukunda. None niyo mpamvu tukwitabaje ngo udufashe kurwanya Inkotanyi n'ibyitso byazo mu Bubiligi, ubu zirimo zikotanira gusenya umuryango uhuza abanyeshuri baho. Udufashe kuzamagana no kugeza ku mbaga y'abasomyi bawe uburiganya bwababatifuriza abanyarwanda amahoro.

### Uti byagenze bite.

Umuryango w'abanyeshuri bo mu Bubiligi, C.E.R.B (la communauté des étudiants rwandais en Belgique) washinzwe n'abantu bivumbuye barambiwe kumva ibinyoma Inyenzi zakwizaga amahanga yose ziharabika u Rwanda. Twararebye rero turibaza tuti Inkotanyi ko zitaturusha ubwenge ndetse ntiziturushe ubwinshi ni kuki twazireka zigakomeza kubeshya amahanga ziharabika urwatubyaye. Uwo muryango rero washingiwe ahitwa i Louvain-La-Neuve tariki ya 6/10/90, ubwo hari hashize iminsi itanu gusa Inyenzi ziteye u Rwanda. Twarahagurutse rero turarwana aho Inyenzi zinyujije ibinyoma, dore ko burya zitwa Semuhanuka, twe tukahanyuza ukuri. Birumvikana ko ukuri ariko kwatsinze ubu amahanga yose atangiye kumenya ko Inyenzi ari Inyangarwanda.

Ntizizi kuva kwizima ariko: nkuko zabonye ingabo z'u Rwanda zimaze kuzigaraguza agati mu Mutara no mu Ruhengeri zigahitamo guteza intugunda mu bigo bya Leta ndetse no mu bigo by'amashuri, na hano mu Bubiligi zanze kwemera ukuri ahubwo ubu zirimo zirakotanira gusenya umuryango w'abanyeshuri b'ino aha. Intandaro yabaye amabaruwa Dr. Murayi Paulin uyobora uwo muryango yanditse atabariza u Rwanda n'abanyarwanda bose. Ibaruwa ya mbere yayanditse tariki ya 6/2/1992 atakambira umunyamabanga mukuru w'umuryango w'abibumbye ngo bumve ikibazo n'ingaruka mbi ziterwa n'intambara Inkotanyi zashoje ziturutse muri Uganda. Kuri iyo tariki na none umuyobozi w'umuryango w'abanyeshuri bo mu Bubiligi yanditse indi baruwa ayandikira umunyamabanga mukuru w'umuryango wita kurengera ikiremwa muntu atabariza ba banyarwanda bari bagizwe ingaruzwa muneto na Leta y'u Burundi ibagerekaho kuba ngo ari abayoboke ba PALIPEHUTU ishyaka rirwanya akarengane abahutu b'i Burundi bagirirwa n'abategetsi baho. Indi baruwa na none yandikiwe umunyamabanga mukuru w'ishyirahamwe mpuzamahanga ryita ku burenganzira bw'ikiremwa muntu yo ikaba yaranditswe tariki ya 8/2/1992. Muri iyo baruwa yo abanyeshuri bo mu Bubiligi batabarizaga rubanda rw'abasivili Inyenzi-Nkotanyi zikomeza kwica urubozo. Ayo mabaruwa ngayo namwe muyirebere. Ayo nyine niyo yateye Inkotanyi ziba mu Bubiligi umujinya maze atangira ibikorwa byo gushaka gusenya uriya muryango wacu. Ubwo zahise zandika iyi baruwa namwe mboherereje ngo musome ngo, zitotomba ngo umuryango w'abanyeshuri bo mu Bubiligi ntacyo wagombaga gukora ngo Inkotanyi zireke amarorerwa zikora.

Mubasinye iyo baruwa uko ari mirongo itandatu abarenga makumyabiri ni Inkotanyi nya Nkotanyi zitari muri uriya muryango C.E.R.B., amazina amwe nk'uriya Lizinde Clarisse (N°14 mu basinye) arabigaragaza neza. Abandi ni iziyoberanya cyangwa ibyitso byazo nkuko tubimenyereye. Ni byiza kuvuga bamwe mub'ingenzi n'ukuntu bakotanye kugeza ubu:

– Duhereye ku mutware wabo Nsengiyumva Oswald: ari mu bagize umuryango C.E.R.B. baduciye intege kuva rugikubita yiyobekeranya. Mu kwezi kwa 12/1990 yandikiye abayobozi ba C.E.R.B. abasaba gufunguza icyitso cyitwa Fidèle Munyangabe cyari gifungiwe hamwe n'ibindi tumwamaganira kure. Kuva icyo gihe yareruye biradushimisha kuko buriya ibuye ryagaragaye ntiriba ricyishe isuka.

– Izindi nkotanyi zikomeye ni abo Ndahimana Joseph N°55 kuri iyo lisiti n'Iliboli Marie Tarcissie N°48 umugore we. Kuva rugikubita nde-

# AMACENGA YA GUVERINOMA

KA02 1709

Rédaction Gisenyi-Info.
Journal KANGURA
B.P. 1312 KIGALI

Kigali, le 20/7/1992

Ibaruwa ifunguye.

Nyakubahwa Ministiri w'Intebe
Docteur NSENGIYAREMYE Dismas

Abanditsi ba KANGURA tubonye ari ngombwa kubagezaho ibaruwa ifunguye kugira ngo wenda muhagarike imigambi itari myiza muri gucura. Ibyo tubitewe n'impamvu zinyuranye:

1:– Kuva Perezida wa Repubulika abashinze imirimo ya Ministiri w'Intebe byababesheje ishema mu Rwanda no mu mahanga. Ariko tubabajwe n'uko mugenda murushaho kwirengagiza inyungu z'abaturage. Abaturage baribaza niba ihindagura ry'abakozi rishingiye ku mashyaka aho gushingira k'ubushobozi ari ryo rizazahura igihugu mu bibazo bicyugarije. Mu minsi itarambiranye bizagaragara ko ubutegetsi mwabuvuruguse aho kubuvugurura. None se ko mwavuze ngo amafranga yahembwaga abategetsi bo hejuru azagabanuka mubona ari byo koko?

Kugira ngo tugere ku matora, dukurikije uko ibintu byifashe mu gihugu, tubona hazabaho byibura andi maguverinoma mashya nk'abiri. Buri guverinoma nigenda ikora nk'ibyo mukora ubu ngo "muravura" ubutegetsi muriyumvisha urwobo muzaba murohamo u Rwanda? Dore u Rwanda rugeragerageza guhangana n'imyigaragambyo y'amabandi ariko ntiruzashobora kwivana imbere y'abakozi b'abarakare. Mwabuze kwiga ukuntu mwahemba umukozi amafaranga ashobora kumutunga ukwezi ahubwo mujya mu bitari ngombwa.

2:– Ku byerekeye intambara, abasirikari bagaye cyane icyemezo mwafashe cyo kubagabanya mu gihe cy'intambara. Uburakari babagiriye mwabonye ko babutuye abaturage b'inzirakarengane. Babonye ukuntu igihugu barengera murenga mukakigurisha hanyuma mukabohereza mu bishanga nta n'amasuka mubahaye. Ibyo mwabikoreye kugira ngo mubonere Inkotanyi imyanya itubutse. Birazwi ko TWAGIRAMUNGU Faustin yariye amafranga y'inkotanyi kugira ngo ibitekerezo byazo bijye byamamazwa na MDR, tukaba rero dukeka ko ayo makotanyi abageraho. Nibikomeza gutyo rero igihe kizagera noneho bibe ngombwa kwisobanura imbere y'abaturage cyangwa se imbere y'ingabo.

3:– Aho ibintu bigeze, muramutse mweguye byarushaho kubahesha icyubahiro. Ibyo turabiterwa n'amakosa akurikira: TWAGIRAMUNGU Faustin yavugiye imbere y'abanyamakuru ngo Inkotanyi ziramutse zifashe Byumba ntabyo byaba bitwaye. Kuri iyo ngingo turemeza ko mwamushyigikiye kuko nta na hamwe mwigeze mumwamagana.

Ubu tumaze kumenya ko mufite umugambi wo gutuza Inkotanyi mu bintu by'abavanywe mu byabo n'intambara. Murateganya kwimura abo bavanywe mu byabo n'intambara mukaberekeza iya Nasho. Ibyo bigasobanura ko Inkotanyi zizisanzura mu mazu no mu masambu zitaruhiye. Bene kubogamirwa n'ikibazo barabimenye none ubu bari maso. Umva ko ngo hari abatinya Rukokoma!

Aho kugira ngo mugambanire abahutu, Nyakubahwa Ministiri w'Intebe, mwakwegura ku mirimo yanyu cyangwa mugahindura uburyo bwanyu bwo gukora.

Murakoze.

Uhagarariye KANGURA.
NGEZE Hassan.

---

Ibikurikira p. 12

tse na mbere y'intambara barakotanye biratinda. Ni bamwe mu bandikira wa munyamakuru wa La Libre Belgique witwa Marie-France Cros kuva intambara itaraba kugeza ubu. Uyu Ndahimana kandi ni rwo rugero rutihishira rw'abiyobekeranya bahora bavuga ku Nkotanyi. Uwo mugabo intambara igitangira yari muri FPR, igeze hagati ajya muri UPR iyi ya Majyambere. Nyuma aza gusanga aho hose nta mbwa nta bahigi ndetse nta n'inzogera asaba kujya muri MDR, bamutera utwatsi. None ejobundi yigize umuyobozi wa PSD mu Bubiligi.

- Masengo Edouard N°39 nawe ni inkotanyi itoroshye. Niwe wafatanije n'uriya Ndahimana, na Ruhanga Jean Damascène N°58 kuri iriya lisiti, Kalisa Placide na Nyandwi Télesphore guhimba ikinyamakuru cy'Inkotanyi cyitwa "Rwanda point de vue" cyandikirwa i Buruseli ho mu Bubiligi.

– Nimero ya gatatu (N°3) Mugabo Gérard na N°5 Uwamaliya M. Louise ni umugore n'umugabo. Ukurikije iyo nyandiko wagira ngo ntibaba hamwe kuko ngo umwe atuye kuri AV. Croix Rouge 5/164 undi akaba aba kuri Rue Belvaux 66 !!!

Ariko rero baba hamwe ni ukwiyoberanya kwabo uku gusanzwe. Uwo mugabo rero ni umuganga wakoraga mu bitaro by'i Butare aza kwiga mu Bubiligi atorotse, atorokeshejwe na Nshunguyinka uyu wahoze ari Perefe i Gisenyi icyo gihe yari agikomeye. Kuva intambara yatangira ntasiba mu manama y'Inkotanyi nguwo i Londres nguwo i Roma dore ko aho hombi ni i Bruseli ariho ziganje ino i Burayi.

Sinasoza ntamenyesheje abasomyi ba Kangura ko umuryango CERB ugizwe n'abanyarwanda barenga magana atatu (300). Ubundi amategeko yawo (Status) ateganya ko iyo nama Inkotanyi zisaba (Assemblée générale extraordinaire) itumizwa iyo isabwe n'abayoboke barenze kimwe cya gatatu. Ni ukuvuga rero ko iyo nama idashobora gutumizwa kandi bayisabye bayizi kuko bazi ko iramutse iteranye yabamagana. Icyo bashakaga gusa ni ukumvisha abo CERB yandikiye ko umuyobozi wayo yabikoze ntawe umutumye kandi byarakorewe mu rwego rwa comité de coordination rushinzwe gukusanya ibikorwa by'uwo muryango. Bibwira ko ngo icyo bashakaga bakigezeho ariko intambara iracyakomeza.

Icyakora na none umuntu ntiyabura kwishimira ko abayobozi bakuru ba MDR hano mu Bubiligi basa n'aho bitaruye Inkotanyi ntibasinye iriya nyandiko ishaka gusenya umuryango wacu. Umuntu yakwizera ko nabo batangiye kumva amariganya y'Inyenzi ???

Turizera ko wenda bazagera aho babyumvisha n'abakuru babo babe mu Rwanda, kuko burya bituma tudasinzira iyo twumva ko Twagiramungu umukwe wa Kayibanda afatanya n'abuzukuru ba Lunari aribo PL y'ubu.

Murakagira Imana.

Buhilike Charles
Rue Notre Dame de la Paix, 10
Namur-Belgique

KA02 1710

# MDR NA UPRONA NI ISANGA N'INGOYI

Mukungwa na Nyabarongo iyo bishoje interuro akenshi baba bavuze umugani ngo ibikundanye birajyana. Uwo mugani ushobora gusimbuzwa ikigereranyo cy'isanga n'ingoyi.

Hose birazwi. Intero ya MDR ni uguhirika ubutegetsi bw'«akazu». Intego y'iryo shyaka nta n'umwe uyirengagiza: akazu nikaramuka gahirimye i Gitarama hazubakwa inyumba. Umwanzuro w'iyo politiki ukaba gukurura wishyira. Turagana hehe rero ?

Ibyo birerekana ukuntu bamwe mu banyarwanda bumva demokarasi. Mu minsi no mu myaka iri imbere tuzasanga politiki y'amashyaka menshi twarayiteguye nabi, haba mu gihugu imbere no mu bihugu bidukikije.
Abaturanyi bacu, mu gihe bazaba badafite demokarasi ihamye bazasubiza inyuma iyacu. Nta bushobozi dufite bwo kugira icyo tubatoza kuko dukennye. Ariko nta mpamvu n'imwe yo guhishira ibizamba tubirora.

Aba MDR bafite uko babona "akazu". Niba bashyigikira demokarasi koko aho kari hose bari bakwiye kukamagana. Bakamagana cyane cyane ak'i Burundi. Nta kuntu byumvikana kubona MDR ishyigikira ubutegetsi bw'i Bujumbura kandi ari ubutegetsi bw'umuryango.
Abaperezida bayoboye u Burundi aribo Micombero, Bagaza na Buyoya bafitanye amasano ya hafi. Kuba baturuka mu bwoko bumwe byo si ibyo gusubiramo. Niba atari ukurimanganya kuki ibyo batabibona ?

## Hunguka nde hagahomba nde ?

Mu ntara ya Cibitoke, abasirikari b'ubutegetsi bw'i Bujumbura baherutse kwirara mu baturage, bahigira abahutu kuhabarimbura. Nyuma yaho, Bujumbura irega Kigali ko ariyo itera icyo n'iki mu Burundi. Minisitiri NGURINZIRA uri mu ishyaka rya MDR agambanira igihugu avuga ibinyoma by'uko ibyo Bujumbura ivuga bifite ishingiro. Icyerekana ko byari ikinyoma ni uko amaze kubivuga, mu minsi yakurikiyeho yagize uruzinduko mu Burundi noneho agasabwa gusinyira ibyo yavuze akagarama.
Iyo myifatire y'abayoboke ba MDR nta n'umwe itangaza kuko iryo shyaka rirangwa no guhuzagurika. Ingero ni nyinshi. Mu minsi ishize, Minisitiri w'Intebe, Dogiteri NSENGIYAREMYE yahamije ko u Rwanda rufite miliyoni imwe y'abasore ishobora guhangana n'abo yise indyarya. Yabivugiye muri Perefegitura ya Kibuye. Ahindukiye i Kigali arabihakana. TWAGIRAMUNGU Faustin nawe aherutse guhakanira kuri Radio Rwanda ko atavuze ngo inkotanyi ziramutse zifashe Byumba nta kibazo biteye. Nyamara benshi twamwifatiye kuri kaseti abivuga.

Iryo rimanganya, umunyamakuru w'umubirigi witwa Marie France Cros, aherutse kwandika ko MDR iriterwa n'uko ari «impehe» (Reba Libre Belgique yo ku wa kane tariki ya 2 Nyakanga 1992).
Guverinoma y'u Burundi rero imaze kuririra k'uguhuzagurika kwa NGURINZIRA yasabye ko impunzi z'abarundi zari ziri by'agateganyo i Nyarushishi muri komini Mubuga, Perefegitura ya Gikongoro zakwigizwa kure. Izo mpunzi zari zahunze ubwicanyi bw'irondakoko ntutsi.
Aho ngaho, u Burundi nabwo bwiyemeje kwimura impunzi z'abanyarwanda zari ahitwa i Busoni mu ntara ya Kirundo.

Ni muri urwo rwego u Burundi bwafashe iya mbere bugatuza impunzi muri komini Buhinyuza, mu ntara ya Muyinga. Aho bazishyize ariko umwanya ni muto n'inzuri ntazo. Igihita kigaragaza ubucabiranya bw'abategetsi b'u Burundi ni uko bimuriye impunzi mu ntara ihana imbibi n'iya mbere. Uturutse aho ziri kugera ku mupaka w'u Rwanda, ni urugendo rw'amasaha make ku maguru. Ikindi kintu kigaragara ni uko Buhinyuza iri ku muhanda inkotanyi ziturutse i Burundi zicamo, zikambukira muri Tanzaniya zerekeza iya Uganda. Igishobora gutera kwibaza ni uko impunzi z'abanyarwanda zo muri 60 zarekewe i Kirundo.

Ku rundi ruhande, u Rwanda rwihatiye vuba na bwangu kwimura impunzi z'abarundi. Zavanywe mu majyepfo zituzwa mu majyaruguru y'igihugu. Kuva muri Gikongoro zaturutse kugera i Byumba ubu ziri, haciyemo Perefegitura eshatu kandi ziri mu birometero zirenga 150. Ibyo bikaba byubahirije amasezerano yakozwe hagati y'ibihugu byombi. Aho zatujwe ni muri komini Muhura.

Mu kugambanira impunzi z'abahutu, guverinoma isigaye yiyita iya MDR, yazituje mu gace ka Byumba karimo imirwano. Birerekana ukuntu baziteje Inkotanyi zigizwe n'abarundi kimwe n'abanyarwanda bose b'abatutsi, kugira ngo bazazigwe gitumo noneho bazitsembere rimwe. Aho bazituje zifite undi mwihariko: ishyirahamwe rya "solidarité Byumba" ryamaganye iryo tuzwa. Muri ibyo byose u Burundi nibwo buhungukira mu gihe u Rwanda ruhahombera.

## Uprona na MDR birakorana.

Ibibazo biri i Burundi MDR irabizi neza. Igitangaje ni ukuntu yirengagije umuzi wabyo, igashaka kugaragaza mu mafuti, ikiganza cy'umunyarwanda muri byo. Ubwo ni ubufatanye ifitanye mu ibanga na Uprona. Ahari aho wasanga yaratamiye kuri "bangaheza" abayobozi ba Uprona badasiba gutanga mu rwego rwo gushyigikira ubutegetsi bwabo bw'igitugu.

Yishyigikirije uburyarya, guverinoma y'u Burundi iti "abasirikari b'u Rwanda babuza impunzi z'abarundi gutaha". Umuntu gusubira mu gihugu cye ni ubushake bwe. Birazwi ko i Nyarushishi hahungiye impunzi ziyinga ibihumbi cumi na kimwe. Ariko izimuriwe i Byumba zikabakaba ibihumbi bibi-

ri. Ni ukuvuga ko ibihumbi icyenda zatashye. Nizo Buyoya n'abambari be bita umwanzi winjiye mu gihugu. Ngaho namwe ni mumbwirire aho abatutsi bakandamiza abahutu i Burundi bazafatwa !

Mu Burundi bakoze uko bashoboye ngo bahishe amahanga imidugararo iri mu majyepfo yabwo. Aho ngaho ihana imbibi n'ibihugu by'inkorokoro nka Zaïre na Tanzaniya. Abategetsi bararebye basanga ibyo bihugu byombi batabikandiraho babibeshyera ngo biteza umutekano muke. Urwo rugero rwo gutinya noneho kubeshya, rurerekana ko Perezida Buyoya azi neza ko amakimbirane ari hagati y'Abarundi ubwabo.
Nta gihugu cy'amahanga kiyashoza. Na MBONIMPA se ni u Rwanda rwamuhaye umugambi waburijwemo wo guhirika ubutegetsi ? Muzahore ubwo mwumve ukuntu Radio PALIPEHUTU ivugira muri FM ikageza kuri kilometero 70 z'umurasuko w'inyoni bazemeza ngo iri mu Rwanda kandi iri i Burundi. MDR rero nirekere aho kugambanira igihugu icudika na Uprona. Ishyaka rya PALIPEHUTU ntabwo rikorera mu Rwanda ahubwo ni mu Burundi. Ikimenyimenyi abayoboke baryo n'abakunzi, ubutegetsi bw'i Bujumbura bwabamariye muri gereza. Abo ni nka vice-président wa Palipehutu, NTIRABAMPA Antoine, ushinzwe icengeza matwara, NZEYIMANA Ernest. Hari na HATUNGIMANA Johnson n'abandi bayoboke benshi. Abandi benshi baracyahagarikwa. Abo ni nka SINDAKIRA Alexandre. Izo mfungwa zose z'ibitekerezo MDR ikwiye kwikubita agashyi ikazisabira kurekurwa niba demokarasi na politiki ishingiye ku mashyaka menshi atari ikinyoma mu Burundi.

B.M.

# KANGURA IRATANGA BWAKEYE

Si umuco nyarwanda kudasuhuza uwo ukangura. Hamwe no kuba Ijwi rigamije gukangura rubanda nyamwinshi rimaze igihe kitari gito ritabageraho, ukongeraho ibizazane byatewe na bamwe mu "bahigi" bahigishije inkware umuheto mu migi ya Gisenyi, Ruhengeri, Kibuye na Kigali. Birateye rwose kubaza abaturage baho niba bagifite impumu. Abakiri mu bitaro bamwe aho tubaherukira, twasanze ku nkuta z'ibyumba baryamyemo handitse: le 30/05/1992. Aho ni mu bitaro bya Gisenyi. Ibisobanuro by'iyo tariki ngo ni ijoro ry'ubusahuzi n'amaraso mu mugi wa Gisenyi.

Mu mugi wa Ruhengeri, amaduka yasahuwe twabashije kugeramo, twasanzemo taragiti zivuga muri rusange ngo: turashaka amasuka yo guhingisha ibishanga Ministiri w'Intebe agiye kutugabira. Mu bitaro bya Ruhengeri, twahasanze "abarashweho" baturutse mu Ruhengeri cyangwa ku Gisenyi. Muri bo hari umwe wemezako yarashwe kandi ari ikinyoma. Cyakora, yagize ubwoba, ajya kwihisha mu gisenge cy'inzu. Kubera ko afite ibiro bikabakaba ijana, yaremereye idari, ubwo riba riramurutse no hasi ngo pi! Umurundi uhita uba ubushingwe. Kubera ko atasobanuye uko byamugendekeye, yemeje ko yarashwe. Nyamara abamuvura babona aho ukuri guherereye. Uwo murwayi wacu ngo niwe waba yarateje imyigaragambyo muri BRALIRWA kubera ko abakozi babyukije ikibazo cy'umutekano muke bafite. Tutabyirengagije, ubwoba bwe muri icyo gihe bwari bufite ishingiro ku buryo kuvuga ukuri bitari kumutera isoni.

Ubwoba bwari bwinshi mu mugi wa Gisenyi, kandi ni mu gihe kuko hari benshi bari babizi. Nk'iduka "Maison Saint Joseph" ryatunze ibintu byaryo guhera ku wa kane, bibitswa mu bapafiri. Iminsi itatu mbere y'uko ijoro ry'isahura n'amaraso rigwa mu mugi wa Gisenyi n'inkengero zawo, abaturage batari bake birariraga mu nsengero. Ibyo bintu abaturage batinye kare bikanga bikaba, biragaragaza ko -tutiriwe dushyira ikirenge cy'iburyo mu rukweto rw'ibumoso- ari akagambane k'ubutegetsi. Iperereza rya gisiviri n'irya gisirikari bikorera nde niba atari akagambane? Amarira y'abacuruzi basahuwe se barayumva? None se inkunga babemereye irihe? Rahira ko itazaba aka ya mabati?

Mbese bwakeye ab'i Byumba? Baba babitayeho se bihagije? Ngaho natwe tubonye tugaruka mu rubuga rw'ibinyamakuru! Tubemereye kumenyesha Ministiri w'Intebe ko agomba gukora uko ashoboye akiyama bagenzi be bihaye kubasaba kwita ababaraza rwa ntambi ngo ni abavandimwe. Nashake uburyo abazana hino muri Kigali, mumwegere arusheho kumenya umubare w'abana banyu bicwa n'umusonga iyo inzara "ikarabye intoni" nka Pirato imbere y'abayahudi. Ibyo byose turabisabira mwe mwavanywe mu byanyu n'intambara. Akababaro kanyu guverinoma nikumva uko bikwiye, turizera ko hari ikizahinduka ku buryo bushimishije. Naho ubundi aho ijambo "abavandimwe" riva twarahamenye. Ya mashyaka ubu asigaye azwi na bose ko akorana n'umwanzi yahawe inshingano yo kwamamaza mu baturage ngo Inkotanyi ntizisenya zirubaka, ntizimena amaraso, zikunda demokarasi. Mbese ngo ni igitego. Ayo matwara niyo agiye gucengezwa mu baturage muri mitingi zo mubihe bya hafi. Inkotanyi nizibona bigenda neza, abaturage babyitabira ngo nibwo zizemera gutaha mu Rwanda. Bitabaye ibyo, birumvikana, zizashirira ku icumu nako ku munwa w'imbunda. Tubivuge dute se kundi, ko iyo urebye ibitero byose by'inyenzi usanga birangwa n'ikintu kimwe: kwihamba. Nyamara hari ikintu zibagirwa: kwiyahura k'umututsi ufite imyaka igera kuri 18 kuzamura, ni ikimenyetso ku batutsi cyo gutsindwa inkungugu mu matora dutegereje; bazatsindwa nk'inzu y'ibyatsi ihiye nibatigira inama ngo bahagarike imirwano.

Turasuhuza na none by'umwihariko abasirikari baba mu Bigo-

gwe. Ese mwamenye ko ikigo cyanyu FPR inkotanyi zigikunda nk'inka imwe? Umunsi inyenzi zashyizwe mu ngabo z'u Rwanda, mbere na mbere ngo zizahabwe aho muri zihategeke zihakorere imyitozo n'ibindi. Twababwira iki rero, nimukaze imyitozo maze mu bereke aho bakunda uko hateye. Icyo cyifuzo kirajyana na rya gabanywa ry'ingabo z'igihugu ryateye akaduruvayo. Ababisesengurira hafi, basanga guverinoma ya Nsengiyaremye ishaka kugabanya ingabo kugira ngo Inkotanyi zizasimbure abazaba basubiye mu bishanga basize babirora. Abo basesengura baragira bati: "Twagiramungu wa MDR yemera mu izina ry'ishyaka ko inkotanyi zijya mu ngabo z'u Rwanda. NSENGIYAREMYE Ministiri w'Ingabo uturuka muri MDR we agasaba ko ingabo zagabanwa. Icenga riri aho ngaho ni irihe niba atari ugutegurira Inkotanyi imyanya? Zo se nta mushahara zizagenerwa? Turasuhuza bwa nyuma isabukuru y'imyaka 30 u Rwanda rumaze rusubiranye ubwigenge. Ni isabukuru idusanze mu bihe tubwirwa ni ibaruwa twakuye mu gitabo "Amwe mu mateka y'u Rwanda" cyanditswe na Nyakwigendera Perezida Gerigori KAYIBANDA. Ni ibaruwa umututsi Banyenzi yandikiye Saruhara S. ku itariki ya 26/06/1961.

"Ku muvandimwe nkunda cyane Saruhara S., ndakuramutsa. Ndakumenyesha ko ubu ari igihe cyo gutora, ariko umenye muri iri tora rizahabwa ubwigenge, nimudakora muzaba mupfuye, igishobora abahutu ni ukubashuka mubatera ubwoba, abahutu batinya impuha kurusha amacumu n'abasirikari. Muzi ko nta masasu n'abasirikari dufite. Dusigaye k'ururimi gusa ariko kunesha ibifura ntibirushya. Mujye mubwira abahutu. Abafungurwa ubu barafungurwa na Kigali. Ariko n'ubwo dutarataza ay'ubusa inzara igiye kuturimburana n'urubyaro. Inyana y'imbwa Kavumbutse ni inyangarwanda y'umuhutu-tutsi. Rukenya yaturimbuye. Abahutu bose bararozwe bambaye imituku nta n'umwe tugifite. Dusigaye ku bagore niba abahutu batabirayemo, ariko bagira umutima umwe, umwanya batarabyibuka nimubashuke (...) Muzabashuke bitorere umwami kuko mu matora nitwe tuzaba dutowe. Repubulika ntiyahiriye abatutsi. Ibikingi byacu ni ibihutu bibituye, bakaba baratuguriye ubwatsi bazabirihe. Ubu niba abahutu badatoye umwami, ibyacu, inka zacu, intoke zacu n'imyaka yacu n'inkoni twakubiswe ntibizarihwa umwami ataje. Nimwihangane muzarore uko dufata ibihutu tutarobanuye tubiteme nk'ibitoki (...) Muzi imyenda abarwanashyaka bacu barimo. Izarihwa n'abahutu tumaze kubashyikira.

Ninjye ugukunda Banyenzi F
Sé Banyenzi F.

Nk'uko mubyibonera, ubugome bw'inyenzi si ubwa none. Abafite amadeni azishyurwa n'abahutu ni ba Kajeguhakwa V. Majyambere S. n'abandi. Abahutu bigaruriwe n'abatutsi ni nka Mbonampeka S., Mugenzi J., Kanyarengwe A., Bizimungu P. Bazagire amahirwe abo bifatanije nabo batsindwe kuko bigenze ukundi, ngo bazatemagurwa nk'ibitoki nta kurobanura. Muri urwo rwego rwo gushaka abahutu bagira ibikoresho, i Kabale muri Uganda haherutse guteranira inama yari igamije kwiga ukuntu KANGURA bayifatirana n'ibibazo by'ubukungu ifite maze bagashukisha abanyamakuru bayo amafranga. Bagombaga kubasaba guhindura ibitekerezo kuri bo cyangwa amakaramu bakayarambika. Hagati aho ngaho, umusirikari ufite ipeti rya Kapiteni wari warahawe ubwo butumwa "yataye inkweto".

Baranyeretse Moustapha.

# I RWAMAGANA IBYITSO BIKWIYE KWAMAGANWA.

Ku bwanditsi bw'ikinyamakuru KANGURA, ubushishozi n'umwete mbaziho mu gutangaza ibyifuzo n'ibitekerezo bya Rubanda NYAMWINSHI; binteye kubohereza iyi nyandiko yerekeranye n'ibyo nasomye mu kinyamakuru ISIBO N° 52 ku rupapuro rwa 17, kugira ngo Rubanda Nyamwinshi dukomeze tube maso kuko ibyitso bikitwugarije. Uko bimeze muri iyo nyandiko rero ngo Abahutu HABYARIMANA, BONANE na BERNARD b'i RWAMAGANA ngo bacuze umugambi wo kwica abatutsi n'abanyenduga maze birabapfubana. Ngo uwo mugambi barigufashwamo na Dogiteri NGONGO n'umucamanza batavuze, bawugejeje kuri Commandant wa Gendarmerie i RWAMAGANA, kuri ba Burugumesitiri ba RUTONDE, KAYONZA na MUHAZI, no kuri Depite RWAKAGABO maze ngo babatera utwatsi. Ndetse ngo RWAKAGABO amaze kubangira, ngo bashatse nawe kumwivugana. Ngibyo ibyo ubwanditsi bw'ISIBO ngo bwahishuriwe.

Rubanda Nyamwinshi rero, nimureke dushishoze kuko tucyugarijwe. Mwese muzi ko guteza imvururu mu gihugu no guharabikana ari imwe mu ntwaro zikomeye inyenzi z'abatutsi biyise inkotanyi n'ibyitso byazo bakoresha muri iyi ntambara turwana nabo. Mwese muribuka imvururu zarizigiye kwibasira igihugu cyacu hambere aha uko zari zimeze. Twibukiranye ko abatutsi bikoranyaga bagateza imvururu barangiza bakajya kwakirwa mu ma paruwasi ahari benewabo, maze umuhutu akahagorerwa ngo yatwikiye umututsi anamurira inka. Ariko rero ubwo buyoka bwabo bwaratahuwe.

I RWAMAGANA ho rero byagenze bite ? Rubanda Nyamwinshi ikwiye kumenya ko abatutsi bose ari bamwe. Ibyo byitso byari bizi ko n'i RWAMAGANA hazavuka imvururu maze bikabona icyo birega ubutegetsi. Byarumiwe rero kuko Rubanda Nyamwinshi yabivumbuye. Bigenze bityo, ntibyanyuzwe kuko byabonaga ko umutekano ari wose. Ubwo byaje guhimba amayere bivuga ko abakiga baba i Rwamagana bashaka kwica Depite RWAKAGABO, umurwanashyaka wa MRND. Ahangaha rero ibyitso bikaba byarashakaga ibintu bibiri. Byashakaga ko Abakemba bene wabo wa RWAKAGABO barwana n'abahutu bavuye ahandi aribo bita abakiga, bitaba ibyo RWAKAGABO umumilita wa MRND agashwana n'abo bise abakiga dore ko MRND bayiyobotse bose. Ubwo namwe murabona ko uwo ari wa mugambi w'inyenzi, umugambi wo guteza imvururu no gusubiranyamo abanyarwanda maze zarangiza zikigira nyoninyinshi. Ntimugi-

re ngo ubwo PL ntiyari kuhazamukira igira ngo ni nk'iyo mu BUGESERA.

Ko tubonye ko bariya batutsi bashaka gutandukanya abahutu bakurura ibibazo by'uturere, uriya Dogiteri NGONGO we baramushakaho iki ? Twibukiranye ko uriya NGONGO abatutsi bikoreye ari umurundi waje mu Rwanda ari akana gato ahunze inkota n'amacumu by'abatutsi bo mu BURUNDI. Ntawamenya rero buriya bashobora kuba bariyambaje bene wabo bo mu RWANDA ngo bahutaze inzirakarengane, uretse ko nyine abatutsi bose ari bamwe. Ngaho rero banyarwamagana nimwiyumvire ibiba bicurirwa muri bwa bunama bwa buri joro.

Noneho rero mumpe akanya ngire icyo nibariza Depite RWAKAGABO. Ko uhagarariye rubanda, abo bantu baje kugusaba inkunga ngo bamene amaraso y'abo uhagarariye wabategetse iki ? Aho none waba ari umutego baguteze ? Mwebwe ba Burugumesitiri se mwaba mwarabikozeho iki ? Ndumva namwe iriya nyandiko yarabatunguye, gusa turisabira Depite National kugira icyo atangariza Rubanda ku mugaragaro kugira ngo ukuri kujye ahagaragara. Ubwanditsi bw'ISIBO buti «ntitubashinja icyaha», bugakomeza buti «iperereza riracyakomeza». Mwabuze abo mubaza ko Depite na ba Burugumesitiri wa RUTONDE, KAYONZA na MUHAZI bahari ? Aho namwe KIBERINKA ntiyabarongoye aka PL na MDR !

Banyarwamagana natwe rero dushishoze. Ibyitso ntibikatwihishemo ngo bitwanganishe n'abanyarwanda bene wacu dusangiye gukunda Urwatubyaye. Rero baraza bakatubwira ngo abakiga bo mu kazu ! Ubwose tuyobewe ikizu cy'abatutsi baje besa imirera bavuye i NYAMATA ? Tuyobewe abaje bivuga ngo badusanze ino ? Tuyobewe abigize abahutu ngo bategeke MDR ? Nibitonde bareke duturane n'abandi nk'uko nabo duturanye kandi bahora badushakira icyatumaraho twese.

M.N.
Rwamagana.

# BITE I NYANZA ?

Ku bavandimwe bacu Abanditsi b'Ikinyamakuru KANGURA

Bavandimwe nshuti,

Tunejejwe no kubandikira, tubasaba ko mwatugereza iyi nyandiko kubazumva banejejwe no kumenya ukuri ku bibera mu mujyi w'i Nyanza ho muri Komini ya NYABISINDU.

Mboneyeho no gushimira umugabo BAZIMAZIKI uherutse kwandika ku byerekeye umutekano muke na Banyirabayazana bo muri uwo mujyi. Ibyo atashoboye kumenya nagira ngo mwunganire.

### Ibyitso mu mashuri no mu bucamanza mu mujyi wa Nyanza.

Hano i Nyanza, mu bigo by'amashuri yisumbuye ariko amwe yigenga nka ESPANYA iri hepfo ya Stade y'imikino i Kabare na Saint Emmanuel iri kw'i Hanika muri Komini Kigoma mu nkengero z'uwo mujyi, ababyeyi babo bararira ayo kwarika.

### Ayo marira araturuka he ?

Mu gihembwe cya mbere n'icya kabiri, muri ibyo bigo byombi, abanyeshuri batari munsi ya 15 bagiye mu NKOTANYI. Ubutegetsi bwakoze uko bushoboye ngo bumenye umuntu ujyana abo banyeshuri, ariko kugeza ubu nta muntu n'umwe wari wafatwa.

### Kuki ntawafashwe ?

Yafatwa ate se mu gihe abashinzwe kubikurikirana ari ibyitso by'abajyana abo banyeshuri mu NKOTANYI. Dore nawe muri Parquet y'i NYABISINDU, uwagombye kubyitaho Procureur général NKUBITO Alphonse yibera mu byitso by'abatutsi nta muhutu ajya yegera. Umututsi witwa MUJEJENDE Bénoit, musanzire wa BIZIMUNGU Pasteur yamuhumye umutima. Hano i Nyanza twarumiwe ku buryo twibaza cyane kandi byinshi kuri uriya mugabo NKUBITO, Abasomyi ba KANGURA hano i NYANZA, turasaba abayobozi b'iki kinyamakuru dukunda twese, ko bazadukorera iperereza ku byerekeye umwirondoro w'uriya mugabo, mukazasesengura n'ibisekuru bye mukabitugezaho.

Ushinzwe IPERERZA nawe, twifuzaga ko niba yaragize icyo amenya kubyerekeye ushuka bariya banyeshuri abajyana mu NKOTANYI ko yazatumara amatsiko. Niba ntacyo yaba yaramenye ntawamurenganya kuko ibyitso byagombye kumufasha byo muri Parquet, aribyo biyobya amarari. Turashimira umugabo umwe gusa muri Parquet witwa GATERA Ephron. Abasigaye bose ubutegetsi bwagombye kubahindura byihutirwa, ndetse butibagiwe no guhindura abo mu rukiko rw'Iremezo rw'i NYABISINDU kuko bo bateye ishozi, haba mu kurya za ruswa no mukuvangura amoko mu gihe baca imanza. Perezida w'urwo rukiko we yahaguma kuko tubona yitwara neza, ariko uwitwa MUNYAWERA, RWABUYONZA, NIKUZE Bernard bakimurwa cyangwa bakirukanwa.

Nagira ngo ntungire agatoki ushinzwe iperereza, maze azagerageze, ariko ntazagire umuntu yifashisha wo muri Parquet usibye GATERA E. wenyine.
– Uzakurikirane umucuruzi witwa MUSONI w'i GAHONDO utagira adresse zizwi neza. Uzegere abahutu b'i MWIMA bazakubwira byose.
– Mbese umunyeshuri wagiye akagarukira mu nzira ko Parquet yamumenye ikaba imuzi neza, ntacyo yaba yahishyuye ? Muzamugushe neza azabibabwira byose; usibye ko ngo iyo bajya kubajyana bababwira ko uzavuga uko byagenze n'uwamujyanye bazamwica, igihe cyose bazamubona.
– Muzabaze umugabo witwa MAKUZA Narcisse na murumuna we RURANGWA, bazavuge aho barumuna babo ubu bari. Ntibazemera ariko bagize uruhare mu kugenda kwabo.
– Muzabaze TELECOM inomero yo muri ESPANYA yaterefonnye

zose guhera mu kwezi kwa 11/1991.
- Muzabaze umugabo w'umudozi udodera kwa SARATIYERI witwa VIATEUR nawe yagize uruhare mu kugenda kwabo banyeshuri.
- Uzabaze umunyeshuri witwa Gérard, inshuti ya Directeur wa ESPANYA, azakubwira ukuntu uwo mudiregiteri abifitemo uruhare; nubwo uwo munyeshuri mwebwe atabibabwira, ariko arabizi. Akazi keza.

**I NYANZA hagorwa, hagorwa !!!**

Wowe se mukozi wa Leta w'Imfura nziza, n'amazuru maremare, ngo agomba gukora i NYANZA, akegera bene wabo ? Leta rwose ubwo ntihemukira abahutu bahatuye ? Aho bigeze Leta yari ikwiye guhumuka, kuko birababaje.

Dore nk'ubu baherutse kuhazana umuliyetona w'umututsi witwa KARENGERA, nta kindi akora usibye kwirirwa mu nama z'abatutsi bene wabo. Turasaba Chef d'Etat Major ko yamwimura bidatinze kuko tumubonamo ubugambanyi, kandi akajya akurikiranirwa hafi.

Mu bitaro by'i NYANZA ho ni agahomamunwa, hakwiye gukorwa iperereza rikomeye ku byerekeye abakozi bashyizweho na minisitiri w'Ubuzima wo muri Guverinoma ya mbere y'inzibacyuho ya NSANZIMANA Sylvestre, uwo muminisitiri yasize yimitse bene wabo koko. Uzaze i Nyanza wibarize.

**Akababaro k'abahutu b'i Nyabisindu.**

KANGUKA (cya kinyamakuru cy'inkotanyi) yasohotse N°59 yababaje abahutu bose b'i Nyabisindu, ndetse ndibaza ko umuhutu wese aho ava akagera byamubabaje. Kubona abatutsi bagereranya umuhutu nk'inyamaswa yitwa Gorille (za nguge nini) ngo nuko umuhutu yifitiye amazuru manini, ngo burya bashatse no kwerekana ko n'ubwenge bwabo ariko bureshya. Turasaba byihutirwa ko KANGUKA yasobanura neza icyo yashatse kuvuga igereranya CDR n'iriya ngagi. Ubusanzwe twe tubandikiye ntabwo turi muri CDR, ariko turayemera, iyaba ahubwo CDR iza kwitwa Ishyirahamwe ry'ABAHUTU ntibe ishyaka, wari kwirebera pe!

**I Nyanza hakwiye ishyirahamwe ry'abahutu.**

Iryo shyirahamwe ntiribe rishingiye ku ishyaka iri n'iri, abahutu bose bakarizamo batitwaje amashyaka barimo. Iryo shyirahamwe ryaba rishinzwe kuvuganira umuhutu wese utuye muri Nyabisindu, ntarenganwe n'udutsiko tw'abiyita ko bavukana imbuto. Ryaba na none rishinzwe kurengera inyungu zose zigamije kuzamura akarere ka Nyabisindu.

**Ubutumwa kuri Kangura.**

Banditsi ba KANGURA turabamenyesha ko KANGURA N°35 yaguzwe n'abantu benshi hano i Nyanza kuko bari bakeneye kumenya ukuri nyakuri kw'ibibera hano iwacu. Umuhutu wese aho ava akagera yarishimye amaze gusoma inyandiko yanditswe n'uriya mugabo BAZIMAZIKI, kuko ubusanzwe abatutsi b'ino i Nyanza bari baziko abahutu baho badatekereza. Namwe turabashimira kuko mwemeye mugasohora iriya nyandiko.

**Ibimaze gutahurwa.**

Abatutsi b'i Nyanza bashatse insoresore mu mujyi zo kujya zibona umuhutu wihitira maze zose zigahuma.

Bateganije uburyo bwo kujya bandika impapuro zidasinye basebya abakozi b'abahutu mu nzego zo hejuru.

Barateganya ko bibaye ngombwa bazakoresha amarozi, abagore babo barwaye sida, amabandi y'abatutsi, maze bagahitana aba bagabo bakurikira :

- NKERAMIHIGO Bénoit
- TWAGILIMANA Augustin
- RWABUYANGA Céléstin
- NSABIMANA J. Chrisostome
- MINANI Innocent
- RWAGASORE Frédéric
- MIRASANO (DirLaiterie)
- MUDACUMURA Jacques
- MBEREYE Faustin
- NGIRUWONSANGA Vincent
- HABUMUGISHA Michel
- NSENGUMUREMYI Elie

Ndababuriye rero bararye bari menge, kuko ibyo bintu by'ibanga nabibwiwe na mwene wabo twasangiraga agatama yari yanyiketsemo ko nanjye ndi imfura nkabo.

MBONIGABA Denys
MUKAMUSONI Libérata.

**Comité de Rédaction**

NGEZE Hassan: Directeur-Propriétaire-Rédacteur en Chef.
NYABYENDA Issa: Rédacteur en Chef Adjoint et Grand Journaliste

**Journalistes**

NDEKEZI Bonaparte
HITIMANA Noël
HAKIZIMANA Joël: Journaliste et Secrétaire de Rédaction

**Distribution, vente et marketing**

BARANYERETSE Monstapha.

**Correspondants et Conseillers.**

MIRASANO Célestin
SIMBIZI Stanislas
SIBOMANA Nabantu

**Tirage:** Voir Imprimerie Nationale du Rwanda.

# S.O.S. KANGURA

KANGURA iraje. Ariko se ifite marere ki ? Nk'uko mwabisomye ku rupapuro rwa nyuma rwa KANGURA n°36 ubwo twatangazaga ko tubaye duhagaze kubera ikibazo cy'amafaranga, bamwe byarabashimishije, abandi bibatera intimba.

Inyenzi zabaye nk'izikoresha umunsi mukuru kuko zari zibonye rugari. Zageze aho zikwiza ibihuha ngo zaguze abanyamakuru ba KANGURA. Kugira ngo turusheho kurwanya izo mpuha tugarutse umurongo ari wa wundi usanzwe.

**Isomo twahaboneye.**

Twahagaze dukeka ko abo tuvugira (abahutu) bazatugoboka bwangu. Dore ko ari bo benshi (90%). Nyamara si ko byagenze. Biteye isoni kuvuga ko babaye bwa buro bwinshi butagira umusururu. Ngabo abatubeshye, ngabo abavuga ko tubabeshya ko dufite ibibazo by'amafaranga, ngabo... ngabo abavuga ngo tubaye twifashe. Ibyo bisubizo byose twabitekerejeho dusanga abo bose bari mu nkangara y'abatema ishami bicariye.

Abo twitiririwa ngo turakorera batereye agati mu ryinyo. Nyamara umunyarwanda yaravuze ati: "akanwa kariye ukareba wagasaba ntikaguhe, iyo gatabaje ntiwumva.

KANGURA, uko biri kose, ije kongera kuburira abahutu bose, aho bari hose. Umuhutu uvuka aha n'undi uvuka hariya bose izakomeza kubahuza babe umwe. Abafite igitekerezo nk'icyo bose basabwe kwitabaza Ijwi rirengera inyungu za rubanda nyamwinshi. Abahutu baryamiye abandi tuzabatera icyunagiro, tubereke intandaro y'amakosa yabo maze tubahamagarire kubaka umuryango aho kuwusenya.

**Dushimire bake badufashije.**

Hari abahutu b'umutima biyumvisha akamaro ka KANGURA. Baribwirije barateranana maze badutumaho turabonana. Baduteye ingabo mu bitugu. Dusanze atari ngombwa gutangaza amazina yabo ariko n'ubwo abahutu benshi batabazi bari bakwiye kubashimira ubwitange bagize. Bari bakwiye kubera abandi urugero bagakomeza kutwunganira kuko kubera ko ari bake n'amikoro yabo akaba aringaniye, inkunga baduhaye izatuma duhangana n'ibinyoma by'inyenzi mu gihe gito cyane.

**KANGURA izamera ite inyenzi nizitaha ?**

Abahutu bazi ubugome bw'inyenzi. Ni ubugome karande. Ntibushobora gushira. Igihe cyose rero, guhinduka kwa KANGURA bisobanura kuvumbura andi mayeri mashya y'inyenzi. Niziramuka zitahutse rero tuzazikurikiranira hafi turebe imigambi yazo mibi "nouvelle formule".
Hagati aho, abashobora gusimbura abanyamakuru bayo bayikorera ubu, muri iki gihe twari duhagaze twasanze ari benshi cyane. Urugero ni abo badufashije. Hagati aho ngaho, KANGURA ikeneye inkunga ya buri wese ushyigikiye umurongo wayo, ikaba igizwe ahanini n'amafaranga. Buri muntu agatanga uko yifite. Uzasanga adashobora kudutera inkunga y'amafaranga yo mutima w'ikinyamakuru, azadutera inkunga y'ibitekerezo byo bwonko bw'ikinyamakuru.
Bitagenze bityo yatugezaho inyandiko zo maraso y'ikinyamakuru.
Dore adresse yacu:

Journal KANGURA
C/O Gisenyi-Information
B.P. 1312 Kigali
Phone 7 5408

******************************

## Tubatumikire.

**KANGURA iramenyesha Abarundi bose ko izakorana n'amashyaka yose atavuga rumwe n'ubutegetsi. Ni ukuvuga ko buri shyaka rigamije guhirika ubutegetsi bw'igitugu bwa BUYOYA burangwa mbere na mbere n'ubwicanyi, KANGURA izarikorera ibishoboka byose mu rwego rw'itangazamakuru.**

**Mu gihe Itangazamakuru i Burundi ritarahabwa rugari, ubutegetsi bw'ikinyoma nibube bwitegura kwegura.**

**N.H.**

KA02 1716



*BUCYANA Martin Perezida wa CDR*

*Ubutegetsi bugomba kuba ubw'abahutu hakurikijwe amategeko ya demokarasi. Abatutsi nibemere tubahe ibyo amategeko abagenera maze tubane tutaryaryana.*